**27 º umushahara fatizo:** umushahara muto wemewe n'itegeko hashingiwe kuri buri cyiciro cy'umurimo;

**28 º umushahara w'ibanze:** amafaranga umukozi ahembwa, kubera akazi yakoze, hatarimo indamunite;

**29 º umushahara:** umushahara w'ibanze umukozi ahembwa hiyongereyeho indamunite kubera akazi yakoze;

**30 º urugaga rw'abakoresha:** amahuriro y'abakoresha yishyize hamwe akora ibikorwa by'ubucuruzi kandi akora imirimo isa cyangwa ijya gusa, hagamijwe

**25 º forced labour:** a work performed by a person against his/her will by force or under threat;

**26 º light work:** a work which cannot have a detrimental effect on child's health, child development and child's education or other aspects of child's life interest;

**27 º minimum wage:** the minimum wage recognized by Law based on each category of occupation;

**28 º basic salary**: an amount of money paid to an employee for the work performed, which does not include allowances;

**29 º salary**: the basic salary paid to an employee plus allocated allowances for the work performed;

**30 º employers' federation:** employers' chambers carrying out commercial activities and exercising similar or related occupations and which have

**25 º travail forcé:** travail exécuté par un individu contre sa volonté par force ou sous une menace;

**26 º travail léger:** travail non nuisible à la santé, au développement et à l'éducation de l'enfant ou d'autres aspects de l'intérêt de la vie de l'enfant ;

**27 º salaire minimum:** salaire minimum reconnu par la loi en fonction de chaque catégorie de profession;

**28 º salaire de base:** paiement versé à un travailleur en contrepartie du travail effectué qui n'inclut pas les indemnités;

**29 º salaire :** salaire de base payé au travailleur auquel s'ajoute les indemnités pour le travail effectué;

**30 º fédération des employeurs:** chambres des employeurs exerçant les activités commerciales et engagés dans des métiers similaires ou connexes qui se sont regroupées

kurengera no guteza imbere inyungu zihuriweho mu by'ubukungu, imibereho myiza n'uburenganzira;

**31 º urugaga rw'abakozi:** ihuriro ry'impuzamasendika ryanditse rigamije kurengera no guteza imbere inyungu zihuriweho mu by'ubukungu, imibereho myiza n'uburenganzira.

**Ingingo ya 4: Uburyo bw'imikorere bubereye umukozi mu kazi**

Uburyo bw'imikorere y'akazi bubereye umukozi bugengwa n'iri tegeko.

Icyakora, uburyo bubereye umukozi mu kazi bukubiye mu masezerano y'umurimo yihariye, mu mategeko ngengamikorere y'ikigo cyangwa mu masezerano rusange buremewe.

**Ingingo ya 5: Imyaka fatizo yo gutangira gukora akazi**

Imyaka fatizo yo gutangira gukora akazi ni cumi n'itandatu (16).

gathered together for the purpose of defending and promoting the common economic and social interests and rights;

**31 º employees' confederation:** a registered umbrella of employees' federations whose aim is to defend and promote the common economic and social interests and rights.

**Article 4: Conducive working environment for the employee**

The conducive working environment for an employee is regulated by this Law.

However, conducive working conditions for an employee which are stipulated in individual employment contract, rules of procedure of an enterprise or collective agreement are allowed.

**Article 5: Minimum age for admission to employment**

The minimum age for admission to employment is sixteen (16) years.

pour défendre et promouvoir les intérêts communs économiques et sociaux ainsi que les droits;

**31 º confédération des travailleurs:** organisation faîtière enregistrée des fédérations des travailleurs ayant pour mission la défense et la promotion des intérêts communs économiques et sociaux ainsi que des droits.

**Article 4: Conditions de travail favorables au travailleur**

Les conditions de travail favorables au travailleur sont règlementées par la présente loi.

Toutefois, les conditions de travail favorables au travailleur stipulées dans le contrat de travail individuel, dans le règlement intérieur de l'entreprise ou dans la convention collective sont permises.

**Article 5: Âge minimum d'admission à l'emploi**

L'âge minimum d'admission à l'emploi est de seize (16) ans.

Icyakora, umwana uri hagati y'imyaka cumi n'itatu (13) na cumi n'itanu (15) yemerewe gukora gusa imirimo yoroheje mu rwego rwo kwitoza umurimo.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena urutonde rw'imirimo yoroheje ku mwana uvugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo.

**Ingingo ya 6: Imirimo ibujijwe ku mwana**

Gukoresha umwana utarageza ku myaka cumi n'umunani (18) umwe muri iyi mirimo ikurikira birabujijwe:

1º imirimo ihungabanya imiterere y'umubiri w'umwana;

2º imirimo ikorerwa munsi y'ubutaka, munsi y'amazi, kandi harehare cyangwa hafunganye;

3º imirimo ikoreshwa imashini n'ibikoresho bishobora kugira ingaruka mbi cyangwa isaba guterura no kwikorera umutwaro uremereye;

4º imirimo ikorerwa ahantu hari ubushyuhe, ubukonje, urusaku,

However, a child aged between thirteen (13) and fifteen (15) years is allowed to perform only light works in the context of apprenticeship.

An Order of the Minister in charge of labour establishes the list of light works for the child provided for under Paragraph 2 of this Article.

**Article 6: Prohibited forms of work for the child**

It is prohibited to subject a child below the age of eighteen (18) years to any of the following forms of work:

1 º forms of work which are physically harmful to the child;

2 º work underground, under water, at dangerous heights or in confined spaces;

3 º work with dangerous machinery, equipment and tools, or which involves the manual handling or transport of heavy loads;

4 º work in an environment which exposes the child to temperatures,

Toutefois, un enfant de treize (13) ans à quinze (15) ans est autorisé à faire les travaux légers uniquement dans le cadre de l'apprentissage.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions établit la liste des travaux légers pour l'enfant stipulé à l'alinéa 2 du présent article.

**Article 6 : Formes de travail interdites pour l'enfant**

Il est interdit de soumettre un enfant âgé de moins de dix-huit (18) ans à l'une des formes de travail suivantes :

1 º formes de travail physiquement préjudiciables à l'enfant;

2 º travail sous terre, sous l'eau, à des hauteurs dangereuses ou dans des espaces confinés;

3 º travail avec des machines et des équipements et des outils dangereux ou qui implique la manutention manuelle ou le transport de charges lourdes;

4 º travail dans un environnement à des niveaux de température, de froid, de

ibitigita n'ibindi byangiza ubuzima bw'umwana;

5º imirimo ikorwa amasaha menshi, mu ijoro cyangwa ikorerwa ahantu hafunganye.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena imiterere y'imirimo ibujijwe ku mwana.

**Ingingo ya 7: Ibuzwa ry'imirimo y'agahato**

Gukoresha umuntu imirimo y'agahato, gutanga uburenganzira bwo gukoresha umuntu cyangwa kwemera ko hagira undi ukoreshwa imirimo y'agahato mu buryo buziguye cyangwa butaziguye birabujijwe.

Icyakora, imirimo ikurikira ntifatwa nk'iy'agahato:

1 º umurimo ukorwa hakurikijwe amategeko agenga imirimo itegetswe y'igisirikare;

2 º umurimo ukorwa hagamijwe kwigisha uburere mboneragihugu no gukunda Igihugu;

3 º umurimo utegetswe umuntu hakurikijwe icyemezo cy'urukiko

noise levels or vibrations damaging to his/her health;

5 º work for long hours or during the night or work performed in confined spaces.

An Order of the Minister in charge of labour determines the nature of prohibited forms of work for a child.

**Article 7: Prohibition of forced labour**

It is prohibited to impose forced labour, permit the imposition thereof or accept, whether directly or indirectly, that a person be subjected to forced labour.

However, the following forms of work are not considered forced labour:

1 º any work performed in accordance with the Laws governing mandatory military service;

2 º any work performed as part of a training aimed at civic and patriotic education;

3 º any work imposed following a decision of a court and which is

bruit ou de vibrations préjudiciables à la santé de l'enfant;

5 º travail de longues heures, de nuit ou pendant la nuit ou dans des locaux confinés.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine la nature des formes de travail interdites à l'enfant.

**Article 7 : Interdiction du travail forcé**

Il est interdit d'imposer le travail forcé, d'autoriser l'imposition de ce dernier ou d'accepter, directement ou indirectement, qu'il soit imposé à autrui.

Toutefois, les formes de travail suivantes ne sont pas réputées forcées :

1 º un travail effectué en vertu des lois régissant le service militaire obligatoire;

2 º un travail effectué en vue d'une formation visant l'éducation civique et patriotique;

3 º un travail exigé suivant une décision judiciaire et effectué sous

kandi ugenzurwa n'urwego rwa Leta rubifitiye ububasha;

4 º umurimo utegetswe umuntu mu gihe cy'amage, imidugararo cyangwa ibiza.

**Ingingo ya 8: Kubuza guhoza ku nkeke uwo ukuriye mu kazi hagamijwe imibonano mpuzabitsina**

Guhoza ku nkeke uwo ukuriye mu kazi hagamijwe imibonano mpuzabitsina ku buryo ubwo ari bwo bwose birabujijwe.

Kwirukana umukozi ku kazi kubera ko yatanze amakuru cyangwa ubuhamya ku bijyanye no guhozwa ku nkeke hagamijwe imibonano mpuzabitsina bikozwe n'umukuriye mu kazi birabujijwe.

Igihe hari ibimenyetso bifatika byemeza ko umukozi yasezeye ku kazi kubera guhozwa ku nkeke n'umukuriye agamije gukorana na we imibonano mpuzabitsina, bifatwa nko kwirukanwa ku kazi nta mpamvu.

**Ingingo ya 9: Kurindwa ivangura mu kazi**

Umukoresha agomba guha abakozi amahirwe angana mu kazi.

executed under the control of a competent public authority;

4 º any work imposed in case of the state of siege, emergency or disasters.

**Article 8: Prohibition of sexual harassment**

Sexual harassment in any form against supervisee is prohibited.

It is prohibited to dismiss an employee for having reported or testified on sexual harassment committed by his/her supervisor.

If there is tangible evidence that an employee has resigned due to sexual harassment committed against him/her by his/her supervisor, his/ her resignation is considered as unfair dismissal.

**Article 9: Protection against discrimination at workplace**

An employer must give employees equal opportunities at the workplace.

le contrôle d'une autorité publique compétente;

4 º un travail exigé en cas d'état de siège, d'urgence ou de catastrophes.

**Article 8 : Interdiction du harcèlement sexuel**

Tout harcèlement sexuel quelle que soit sa forme contre le subalterne est interdit.

Il est interdit de licencier un travailleur pour avoir fourni des informations ou témoignages sur le harcèlement sexuel commis par son supérieur.

Lorsqu'il y a des preuves certaines attestant que le travailleur a démissionné en raison du harcèlement sexuel commis contre lui par son supérieur, cette démission est considérée comme un licenciement abusif.

**Article 9 : Protection contre la discrimination au lieu du travail**

Un employeur doit donner aux travailleurs les mêmes opportunités au lieu du travail.

Umukoresha abujijwe gukora ivangura mu kazi rishingiye ku bwoko, ku muryango cyangwa ku gisekuru, ku nzu, ku ibara ry'umubiri, ku gitsina, ku karere, ku byiciro by'ubukungu, ku idini cyangwa ukwemera, ku bitekerezo, ku mutungo, ku itandukaniro ry'umuco, ku rurimi, ku bumuga bw'umubiri cyangwa ubwo mu mutwe no ku rindi vangura iryo ari ryo ryose.

Umukoresha wese agomba guhemba umushahara ungana abakozi bakora imirimo y'agaciro kangana nta vangura iryo ari ryo ryose.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo no kwishyira hamwe**

Abakozi n'ababahagarariye bafite uburenganzira bwo gutanga ibitekerezo ku bijyanye n'uko akazi gateye, gakorwa n'uko gakwiye gukorwa.

Abakozi bafite uburenganzira bwo gushinga sendika cyangwa kujya muri sendika iriho.

Abakoresha bafite uburenganzira bwo gushinga ishyirahamwe cyangwa kujya mu mashyirahamwe y'abakoresha ariho.

An employer is prohibited from discriminating employees on basis of ethnic origin, family or ancestry, clan, skin colour or race, sex, region, economic categories, religion or faith, opinion, fortune, cultural difference, language, physical or mental disability or any other form of discrimination.

Every employer must pay employees equal salary for work of equal value without discrimination of any kind.

**<u>Article 10</u>: Right to freedom of opinion and association**

Employees and their representatives have the right to express their opinions with regard to working conditions, work execution and organization.

Employees have the right to form or join a trade union.

Employers have the right to form or join employers' associations.

Il est interdit à l'employeur de pratiquer une discrimination à l'encontre des travailleurs en se basant sur l'ethnie, la famille ou l'ascendance, le clan, la couleur de la peau ou la race, le sexe, la région, les catégories économiques, la religion ou la croyance, l'opinion, la fortune, la différence de culture, la langue, la déficience physique ou mentale ou sur toute autre forme de discrimination.

L'employeur doit payer les travailleurs un salaire égal pour un travail de valeur égale, sans discrimination aucune.

**<u>Article 10 :</u> Droit à la liberté d'opinion et d'association**

Les travailleurs et leurs représentants ont le droit à la liberté d'expression en ce qui concerne les conditions de travail, l'exercice et l'organisation du travail.

Les travailleurs ont le droit de former un syndicat ou d'y adhérer.

Les employeurs ont le droit de former une association ou d'y adhérer.

**UMUTWE WA II: AMASEZERANO Y'UMURIMO, AYO KWITOZA UMURIMO N'AYO KWIMENYEREZA UMWUGA**

**Icyiciro cya mbere: Amasezerano y'umurimo**

**Ingingo ya 11: Gukora amasezerano y'umurimo**

Amasezerano y'umurimo akorwa hashingiwe ku bwumvikane bw'umukozi n'umukoresha.

Amasezerano y'umurimo hagati y'umukozi umwe n'abakoresha barenze umwe aremewe igihe cyose hatagize abangamiye ayandi.

Amasezerano y'umurimo ashobora kuba ay'igihe kizwi cyangwa kitazwi.

Amasezerano y'umurimo ashobora kuba yanditse cyangwa atanditse.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena iby'ingenzi bikubiye mu masezerano y'umurimo yanditse**.**

**CHAPTER II: EMPLOYMENT CONTRACT, APPRENTICESHIP AND INTERNSHIP CONTRACTS**

**Section One: Employment contract**

**Article 11: Conclusion of an employment contract**

An employment contract is concluded based on the mutual consent of the employee and employer.

Employment contracts between an employee and more than one employer are acceptable if they are not compromising one another.

An employment contract can be for a fixed term or indefinite.

The employment contract can be written or unwritten.

An Order of the Minister in charge of labour determines the core elements of written employment contract.

**CHAPITRE II : CONTRAT DE TRAVAIL ET CONTRATS D'APPRENTISSAGE ET DE STAGE**

**Section première : Contrat de travail**

**Article 11: Conclusion d'un contrat de travail**

Le contrat de travail est conclu sur base de consentement mutuel du travailleur et de l'employeur.

Les contrats de travail entre un travailleur et plus d'un employeur sont admis si ces contrats ne se compromettent pas.

Un contrat de travail peut être à durée déterminée ou indéterminée.

Le contrat de travail peut être constaté par écrit ou non.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine les éléments essentiels du contrat de travail constaté par écrit.

Icyakora, amasezerano y'umurimo atanditse ntashobora kurenza iminsi mirongo cyenda (90) ikurikiranye.

Gihamya y'amasezerano y'umurimo ishobora kuba mu buryo ubwo ari bwo bwose.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Umurimo ku mukozi w'umunyamahanga**

Imikoranire y'umurimo hagati y'umukoresha n'umukozi w'umunyamahanga igengwa n'iri tegeko, uretse ibiteganywa ukundi n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje.

Umukozi w'umunyamahanga ukorera mu Rwanda ahabwa amasezerano y'umurimo yanditse.

Ibirebana n'impushya z'akazi ku mukozi w'umunyamahanga ukorera mu Rwanda bigengwa n'amategeko agenga abinjira n'abasohoka mu Gihugu.

Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze amaze kugisha inama urwego rushinzwe abinjira n'abasohoka mu Gihugu ashyiraho iteka rigenga imikorere y'akazi ku mukozi w'umunyamahanga mu Rwanda.

However, the duration of unwritten employment contract cannot exceed ninety (90) consecutive days.

A proof of an employment contract can be established by any means.

**<u>Article 12</u>: Employment of a foreign employee**

The employment relationship between the employer and foreign employee is governed by this Law unless otherwise provided for by international treaties ratified by Rwanda.

A foreign employee who works in Rwanda is given a written employment contract.

Matters relating to work permit for a foreign employee who works in Rwanda are determined by the Rwandan immigration and emigration Laws.

The Minister in charge of labour, after consultation with immigration and emigration service, issues an Order regulating employment for foreign employees in Rwanda.

Toutefois, la durée du contrat de travail non écrit ne peut dépasser quatre-vingt-dix (90) jours consécutifs.

La preuve de l'existence du contrat de travail peut être constatée par tous les moyens.

**<u>Article 12:</u> Emploi d'un travailleur étranger**

La relation d'emploi entre l'employeur et le travailleur étranger est régie par la présente loi sauf disposition contraire des traités internationaux ratifiés par le Rwanda.

Un travailleur étranger qui travaille au Rwanda se voit accorder un contrat de travail écrit.

Les matières relatives au permis de travail d'un travailleur étranger travaillant au Rwanda sont déterminées par la législation rwandaise sur l'immigration et émigration.

Le Ministre ayant le travail dans ses attributions, après consultations avec le service d'immigration et émigration, établit un arrêté régissant l'emploi des travailleurs étrangers au Rwanda.

**Ingingo ya 13: Igihe cy'igeragezwa ku murimo**

Igihe cy'igeragezwa ku murimo ntigishobora kurenza amezi atatu (3).

Icyakora, nyuma y'isuzuma ryanditse kandi ryamenyeshejwe umukozi, umukoresha ashobora gusubirishamo igeragezwa mu gihe kitarenze amezi atatu (3) bitewe n'impamvu zumvikana, zishingiye ku miterere y'akazi, imikorere n'imyitwarire by'umukozi.

Iyo igeragezwa rirangiye rikagaragaza ko umukozi ashoboye akazi, ahita ahabwa akazi abimenyeshejwe mu nyandiko n'umukoresha.

Iyo igeragezwa rigaragaje ko umukozi adashoboye akazi, hashingiwe ku isuzumabushobozi ryanditse kandi ryamenyeshejwe umukozi, umukoresha asesa amasezerano y'umurimo nta nteguza. Iseswa ryayo ntirituma hatangwa imperekeza usibye gusa umushahara umukozi yakoreye.

Umukozi wongeye guhabwa akazi mu kigo yakoreye mbere kuri uwo mwanya yakozeho ntiyongera gushyirwa mu gihe cy'igeragezwa ry'akazi.

**Article 13: Probation period**

The probation period cannot exceed three (3) months.

However, after the written evaluation of the employee's performance notified to the employee, the employer can for valid reasons related to the nature of work, employee's performance and conduct, decides that an employee retakes the probation for a period not exceeding three (3) months.

If the probation period comes to an end and proves to be conclusive, the employee is immediately offered employment and notified in writing by the employer.

If the probation period proves that an employee is not competent based on written performance evaluation and notified to the employee, the employer terminates the employment contract without notice. Apart from the salary for which the employee has worked for, such termination does not entail the payment of terminal benefits.

An employee re-employed by the same employer for the same job position is not subject to the probation period.

**Article 13: Période d'essai**

La période d'essai ne peut dépasser trois (3) mois.

Toutefois, après l'évaluation écrite des performances du travailleur qui a été notifiée à ce dernier, l'employeur peut, pour des raisons valables liées à la nature du travail, aux performances et à la conduite du travailleur, décider de la reprise de la période d'essai pour une durée ne dépassant pas trois (3) mois.

Si la période d'essai se termine et s'avère concluant, le travailleur se voit offrir l'emploi immédiatement et informé en écrit par l'employeur.

Si la période d'essai prouve que le travailleur n'est pas compétent, sur base d'une évaluation des performances écrite notifiée au travailleur, l'employeur résilie le contrat sans préavis. Une telle résiliation ne donne pas lieu au paiement des indemnités de départ excepté le salaire pour lequel le travailleur a travaillé.

Un travailleur engagé de nouveau par le même employeur pour le même emploi n'est pas soumis à la période d'essai.

**Ingingo ya 14: Guhindura amasezerano y'umurimo**

Amasezerano y'umurimo ashobora guhindurwa umurimo ugikomeza bisabwe na rumwe mu mpande zayagiranye kandi zombi zibyumvikanyeho.

**Ingingo ya 15: Ihinduka ry'imiterere y'ikigo**

Iyo habayeho ihinduka ry'imiterere y'ikigo, mu rwego rw'amategeko amasezerano y'umurimo atararangira agumana agaciro kayo hagati y'umukoresha mushya n'abakozi bari basanzwe b'ikigo. Icyakora, iseswa ry'ayo masezerano rishobora kubaho gusa mu buryo buteganywa n'iri tegeko.

**Ingingo ya 16: Kwimura amasezerano y'umurimo**

Amasezerano y'umurimo ntashobora kwimurwa ava ku mukoresha umwe ajya ku wundi, umukozi atabyiyemereye.

**Ingingo ya 17: Kwimura umukozi ku mwanya w'umurimo**

Umukozi agomba gukora akazi ku mwanya yasabye.

**Article 14: Modification of employment contract**

The employment contract can be modified in the course of its execution at the request of either party and upon mutual consent.

**Article 15: Modification of the enterprise's status**

In case of modification of the enterprise's legal status, employment contracts in progress on the date of the modification remain valid between the new employer and the existing employees of the enterprise. However, the termination of such contracts may only take place under the conditions provided for by this Law.

**Article 16: Transfer of employment contract**

An employment contract cannot be transferred from one employer to another without the employee's consent.

**Article 17: Moving an employee to another position**

The employee must occupy the position he or she applied for.

**Article 14: Modification du contrat de travail**

Le contrat de travail peut être modifié en cours d'exécution à la demande de l'une des parties au contrat après leur consentement mutuel.

**Article 15 : Modification du statut de l'entreprise**

En cas de modification survenue du statut juridique de l'entreprise, les contrats de travail en cours au jour de la modification restent valables entre le nouvel employeur et les travailleurs existants de l'entreprise. Toutefois, la résiliation de ces contrats ne peut intervenir que dans les conditions prévues par la présente loi.

**Article 16 : Transfert du contrat de travail**

Un contrat de travail ne peut être transféré d'un employeur à un autre sans le consentement du travailleur.

**Article 17 : Déplacer un travailleur à un autre poste**

Le travailleur doit occuper le poste qu'il a demandé.

Umukoresha ashingiye ku nyungu z'ikigo, ashobora kwimurira umukozi ku wundi mwanya utandukanye n'uwo yasabye uri ku rwego rumwe na wo atagabanyije umushahara we n'ibindi agenerwa.

Umukoresha ntagomba gushyira umukozi ku rundi rwego rw'umurimo atabyemeye iyo bishobora kumushyira ku rwego ruri hasi y'urwo yari asanzweho no kumugabanyiriza umushahara.

**<u>Ingingo ya 18</u>: Isubikwa ry'amasezerano y'umurimo**

Isubikwa ry'amasezerano y'umurimo ribaho mu gihe amasezerano adasheshwe ariko abayagiranye bahagarika zimwe cyangwa zose mu nshingano bari bafite.

Inshingano buri ruhande rusigarana zigomba kuba ziteganywa n'iri tegeko cyangwa zumvikanyweho n'impande zombi.

Amasezerano y'umurimo asubikwa kubera imwe mu mpamvu zikurikira:

An employer, due to the enterprise's interests, can transfer an employee to a position different from the one he or she applied for but which is at the same level as that one he or she applied for without reducing his/her salary and other benefits.

An employer cannot transfer an employee to another level of employment which can result in reducing his/her level and salary without the employee's consent.

**<u>Article 18</u>: Suspension of employment contract**

The suspension of employment contract occurs when termination thereof does not take place, but parties suspend the performance of all or part of their obligations.

Each party's obligations which remain during suspension must be provided for under this Law or agreed upon by both parties.

The suspension of employment contract occurs due to any of the following grounds:

L'employeur, en raison des intérêts de l'entreprise, peut déplacer le travailleur à un poste différent de celui qu'il a demandé mais qui est au même niveau que celui qu'il a demandé sans réduire son salaire et d'autres avantages.

Un employeur ne peut transférer un travailleur à un autre niveau d'emploi qui peut entraîner la réduction de son grade et de son salaire sans le consentement du travailleur.

**<u>Article 18:</u> Suspension du contrat de travail**

La suspension du contrat de travail intervient lorsque le contrat n'est pas résilié mais les parties suspendent toutes ou partie de leurs obligations.

Les obligations restantes de chaque partie pendant la suspension doivent être prévues par la présente loi ou convenues entre les deux parties.

La suspension d'un contrat de travail intervient pour l'un des motifs suivants :

1 º habayeho guhagarika umurimo cyangwa gufunga ikigo hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko;

2 º umukozi ahagaritswe nk'igihano cyo mu rwego rw'akazi mu gihe cy'iminsi umunani (8) y'akazi idahemberwa;

3 º umukozi ahanishijwe igihano cy'igifungo kitarengeje amezi atandatu (6) cyangwa afunzwe by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atandatu (6);

4 º ikigo gihagaritse imirimo yacyo by'igihe gito bitewe n'impamvu z'ubukungu cyangwa za tekiniki;

5 º habayeho guhagarika umukozi ukorwaho iperereza mu rwego rw'akazi;

6 º hari impamvu ndakumirwa zituma imirimo y'ikigo ihagarara.

Izindi mpamvu z'isubikwa ry'amasezerano y'umurimo zigenwa binyuze mu masezerano y'umurimo, amategeko ngengamikorere y'ikigo, cyangwa amasezerano rusange.

1 º in case of strike or lockout carried out in accordance with the provisions of this Law;

2 º disciplinary layoff of an employee for a period of eight (8) working days;

3 º an employee is sentenced to an imprisonment not exceeding six (6) months or is provisionally detained for a period not exceeding six (6) months;

4 º suspension of the enterprise's activities as a result of economic or technical difficulties;

5 º suspension for administrative investigation purposes;

6 º suspension of the enterprise's activities due to force majeure.

Other grounds for the suspension of employment contract are set out in the employment contract, in the rules of procedure of the enterprise and collective agreement.

1 º en cas de grève ou de lock-out effectué conformément aux dispositions de la présente loi;

2 º mise à pied disciplinaire du travailleur de huit (8) jours ouvrables;

3 º le travailleur est condamné à une peine d'emprisonnement ne dépassant pas six (6) mois ou est détenu provisoirement pour une durée ne dépassant pas six (6) mois;

4 º suspension d'activité de l'entreprise en raison des difficultés économiques ou techniques;

5 º suspension du travailleur pour des raisons d'enquête administrative;

6 º suspension d'activité de l'entreprise en cas de force majeure.

D'autres motifs de suspension du contrat de travail sont prévu dans le contrat de travail, dans le règlement intérieur de l'entreprise ou dans les conventions collectives.

**Ingingo ya 19: Impanuka cyangwa indwara bikomoka ku murimo**

Umukozi wagize impanuka cyangwa indwara bikomoka ku murimo yarateganyirijwe n'umukoresha we mu kigo cy' ubwiteganyirize mu Rwanda yishyurwa hakurikije amategeko agenga ubwiteganyirize bw'abakozi mu Rwanda.

Umukozi wagize impanuka cyangwa indwara bikomoka ku murimo atarateganyirijwe n'umukoresha we mu kigo cy'ubwiteganyirize mu Rwanda yishyurwa n'umukoresha amafaranga angana nk'ayo yagahawe n'ikigo cy'ubwiteganyirize mu Rwanda iyo aza kuba yarateganyirijwe, harimo kumuvuza n'ibindi bijyanye na byo.

Umukozi ntashobora gusezererwa ku murimo bitewe n'ibyago bikomoka ku murimo, keretse iyo byemejwe na muganga wemewe na Leta ko atagishoboye gukomeza gukora uwo murimo.

Iyo bigaragaye ko umukozi agishoboye gukora akazi umukoresha amuhindurira umwanya w'umurimo ujyanye n'ubushobozi bwe. Iyo udahari

**Article 19: Occupational accident or disease**

An employee who has an occupational accident or disease while his/her employer has contributed for him/ her in a social security body in Rwanda, he/she is entitled to compensation in accordance with Laws governing social security in Rwanda.

An employee having an occupational accident or disease while the employer has not contributed for him/her in a social security body in Rwanda, receives from the employer compensation equivalent to the social benefits he/she would have received from a social security body in Rwanda if the employer had contributed for him/her, including medical and related expenses.

An employee cannot be dismissed as a result of occupational accident unless a recognized doctor declares him/her unfit to resume service in the employment he/she held prior to the accident.

If it appears that the employee is fit to work again, the employer offers him/her another employment suitable to his/her ability. In case of absence of such an employment, the

**Article 19: Accident de travail ou maladie professionnelle**

Un travailleur qui a un accident de travail ou une maladie professionnelle alors que son employeur a cotisé pour lui dans une institution de sécurité sociale au Rwanda, il bénéficie d'une indemnisation conformément à la législation régissant la sécurité sociale au Rwanda.

Le travailleur qui a un accident de travail ou une maladie professionnelle alors que son employeur n'a pas cotisé pour lui dans une institution de sécurité sociale au Rwanda, il bénéficie, de la part de son employeur, d'une indemnité équivalente aux prestations dont il aurait bénéficié d'une institution de sécurité sociale au Rwanda si l'employeur avait cotisé pour lui, y compris des frais médicaux et autres dépenses y relatives.

Le travailleur ne peut être licencié suite à un accident de travail à moins qu'un médecin agréé ne le déclare inapte à reprendre l'emploi qu'il occupait précédemment.

S'il s'avère qu'un travailleur est apte à travailler encore, l'employeur lui propose un autre emploi approprié à ses capacités. En cas d'absence d'un tel emploi, le contrat

amasezerano y'umurimo araseswa umukozi agahabwa ibiteganywa n'amategeko.

**Ingingo ya 20: Gusubika amasezerano y'umurimo kubera iperereza rikorwa n'umukoresha mu kazi**

Iyo umukoresha akora iperereza ku mukozi mu rwego rw'umurimo rishobora gutuma ahagarikwa hashingiwe ku ikosa yaba yakoreye mu kazi, umukoresha ashobora kumuhagarika mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) adahembwa ariko umushahara we ukabarwa ukabikwa.

Iyo nyuma y'iperereza umukozi adahamwe n'ikosa, umukoresha amusubiza mu kazi kandi akamuhemba umushahara we wose yari yarabikiwe.

**Ingingo ya 21: Isubikwa ry'amasezerano y'umurimo kubera impamvu z'ubukungu cyangwa iza tekiniki**

Mu gihe habayeho isubikwa ry'amasezerano y'umurimo mu gihe gito kubera impamvu z'ubukungu cyangwa iza tekiniki, umukozi ntashobora gushyirwa mu gihe cyo kudakora ku mpamvu z'imirimo mike inshuro imwe (1) cyangwa

contract is terminated with the employee being granted benefits provided for by Law.

**Article 20: Suspension of employment contract due to administrative investigation by an employer**

When an employer is conducting administrative investigation against an employee while such investigation can result in suspension, the employer can suspend the employee in writing for a period not exceeding thirty (30) days without payment but the employee's salary is calculated and retained.

If, after the investigation, the employee's innocence is proven, the employer reinstates the employee and pays him/her all his/her salary that was retained for him/her.

**Article 21: Suspension of employment contract due to economic or technical reasons**

In case of suspension of employment contract due to economic or technical reasons, an employee cannot be laid off one or more times for a period longer than ninety (90) days during the same period of one (1) year.

de travail est résilié, et le travailleur bénéficie des indemnités prévues par la loi.

**Article 20: Suspension du contrat de travail pour cause d'enquête administrative par l'employeur**

Lorsqu'un employeur est en train de mener une enquête administrative sur un travailleur alors que cette enquête peut donner lieu à sa suspension, l'employeur peut suspendre le travailleur par écrit pour une période ne dépassant pas trente (30) jours non payés mais son salaire est calculé est conservé.

Si, après l'enquête, l'innocence du travailleur est prouvée, l'employeur le réintègre dans son poste et lui paie tout son salaire conservé.

**Article 21: Suspension du contrat de travail pour des raisons économiques ou techniques**

En cas de suspension du contrat de travail pour des raisons économiques ou techniques, le travailleur ne peut pas être mis au chômage technique une ou plusieurs fois dans une période de plus de quatre-vingt-dix (90) jours au cours de la même période d'une (1) année.

nyinshi mu gihe kirenze iminsi mirongo cyenda (90) mu mwaka umwe (1).

Iyo igihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kirenze, bifatwa nk'aho umukozi yasezerewe agahabwa imperekeza ziteganywa n'iri tegeko.

Umukoresha, nyuma yo kubigaragariza abahagarariye abakozi mu kigo, ashobora gusezerera umukozi umwe cyangwa benshi bitewe no guhuza imirimo isa, kuvanaho cyangwa kuvugurura imikorere y'ikigo kubera impamvu z'ubukungu cyangwa guhindura ikoranabuhanga ryakoreshwaga hagamijwe kugira ngo ikigo kirusheho guhigana kandi akabimenyesha mu nyandiko umugenzuzi w'umurimo ubifitiye ububasha.

Iyo umukoresha asezereye umukozi umwe cyangwa benshi kubera impamvu zivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo, ashyira ku rutonde abakozi bateganywa gusezererwa hakurikijwe ubushobozi ku murimo, amashuri, uburambe muri icyo kigo n'umubare w'abantu bemewe n'amategeko buri mukozi atunze.

Upon expiry of the period provided for under Paragraph One of this Article, the employee is considered dismissed, and receives terminal benefits provided for by this Law.

The employer may, after informing employees' representatives in the enterprise, proceed with individual or collective dismissal due to the enterprise's internal reorganization or restructuring due to economic reason or technological transfer with the aim of preserving the enterprise's competitiveness and informs in writing the competent labour inspector.

In case an employer proceeds with individual or collective dismissal on the grounds provided for under Paragraph 3 of this Article, he/she places employees on the list of those to be dismissed based on performance, professional qualification, experience in the enterprise and legally recognized dependents of each employee.

Après l'expiration du délai stipulé à l'alinéa premier du présent article, le travailleur est réputé licencié et bénéficie des indemnités de départ prévues par la présente loi.

L'employeur peut, après en avoir informé les représentants des travailleurs dans l'entreprise, procéder à un licenciement individuel ou collectif suite à une réorganisation intérieure ou une restructuration en raison économiques ou des mutations technologiques dans le but de sauvegarder la compétitivité de l'entreprise. Il en informe l'inspecteur du travail compétent par écrit.

Lorsque l'employeur procède au licenciement individuel ou collectif suite aux raisons stipulés à l'alinéa 3 du présent article, il établit l'ordre de licenciement en tenant compte de la performance, de la qualification professionnelle, de l'ancienneté dans l'entreprise et du nombre de personnes à charge reconnus légalement de chacun des travailleurs.

**<u>Ingingo ya 22</u>: Uburenganzira bwo gusubizwa mu kazi nyuma yo gusezererwa kubera impamvu z'ubukungu cyangwa iza tekiniki**

Umukozi usezerewe ku kazi kubera impamvu z'ubukungu cyangwa iza tekiniki, kandi akaba atarengeje amezi atandatu (6) uhereye igihe yasezerewe, afite uburenganzira bwo gusubizwa mu kazi adakoze ipiganwa iyo yujuje ibisabwa ku mwanya umukoresha akeneyeho umukozi.

**<u>Ingingo ya 23</u>: Amasezerano y'umurimo yo ku rwego rwa kabiri**

Amasezerano y'umurimo yo ku rwego rwa kabiri akorwa igihe umukoresha aha undi mukoresha imirimo imwe n'imwe cyangwa serivisi kugira ngo ayikore.

Amasezerano y'umurimo yo ku rwego rwa kabiri ateganya ingwate yo kwishyura imishahara y'abakozi, ubwiteganyirize bw'abakozi hamwe n'izindi nshingano z'umukoresha ku mukozi n'ibirebana n' uburyo imirimo ikorwa.

Amasezerano y'umurimo hagati y'umukozi n'umukoresha yo ku rwego rwa kabiri (2) agengwa n'iri tegeko.

**<u>Article 22</u>: Right to be reinstated in employment after being dismissed for economic or technical reasons**

A worker dismissed for economic or technical reasons and whose dismissal does not last more than six (6) months is entitled to be reinstated in employment without competition when he meets the profile required for the position to which the employer seeks to fill.

**<u>Article 23</u>: Subcontract**

The subcontract occurs when the employer assigns the performance of part of work or services to another employer.

The subcontract provides for guarantee for the payment of salaries of and social security contributions for employees and other obligations of the employer towards the employee and work conditions.

The subcontract between an employee and an employer is governed by this Law.

**<u>Article 22:</u> Droit d'être réintégré dans l'emploi après avoir été licencié pour des raisons d'ordre économique ou technique**

Un travailleur licencié pour des raisons d'ordre économique ou technique et dont le licenciement ne date pas plus de six (6) mois a le droit d'être réintégré dans l'emploi sans compétition lorsqu'il remplit le profil requis pour le poste auquel l'employeur souhaite pourvoir.

**<u>Article 23:</u> Contrat de sous-traitance**

Le contrat de sous-traitance a lieu lorsque l'employeur confie à un autre employeur l'exécution d'une partie du travail ou des services.

Le contrat de sous-traitance prévoit une garantie pour le paiement des salaires et des cotisations à la sécurité sociale des travailleurs ainsi que d'autres obligations de l'employeur envers le travailleur et les conditions du travail.

Le contrat de sous-traitance entre un travailleur et un employeur est régi par la présente loi.

**Icyiciro cya 2: Gusesa amasezerano y'umurimo no gusezerera umukozi**

**Ingingo ya 24: Gusesa amasezerano y'umurimo hatanzwe integuza**

Haseguriwe ibikubiye mu masezerano rusange, amategeko ngengamikorere cyangwa amasezerano y'umurimo, integuza igomba gutangwa n'umukoresha cyangwa umukozi mu buryo bukurikira:

1 º iminsi cumi n'itanu (15) nibura iyo umukozi yakoze igihe kiri munsi y'umwaka umwe (1);

2 º iminsi mirongo itatu (30) nibura iyo umukozi yakoze igihe kirenze umwaka umwe (1).

Gutanga integuza bigomba gukorwa mu nyandiko kandi hakagaragazwa impamvu yo gusesa amasezerano y'umurimo.

Umukoresha ntiyemerewe gusesa amasezerano y'umurimo mu bihe bikurikira:

1 º igihe umukozi ari mu isubikwa ry'amasezerano y'umurimo;

**Section 2: Termination of employment contract and dismissal of employee**

**Article 24: Termination of employment contract with notice**

Subject to the provisions of the collective agreement, rules of procedure or employment contract, the period of notice given by the employer or employee must be as follows:

1 º at least fifteen (15) days, in case an employee has served for less than one (1) year;

2 º at least thirty (30) days, in case an employee has served for more than one (1) year.

The notice must be given in writing and state reasons for termination of employment contract.

The employer cannot terminate employment contract in the following circumstances:

1 º in case the employee is in suspension period of the employment contract;

**Section 2: Résiliation du contrat de travail et licenciement du travailleur**

**Article 24: Résiliation du contrat de travail avec préavis**

Sous réserve des dispositions de la convention collective, du règlement intérieur ou du contrat de travail, la période de préavis donné par l'employeur ou le travailleur doit être comme suit :

1 º quinze (15) jours au moins, si le travailleur a travaillé pour une période inférieure à un (1) an;

2 º trente (30) jours au moins, si le travailleur a travaillé plus d'un (1) an.

Le préavis doit être donné par écrit, en indiquant les raisons de résiliation du contrat de travail.

L'employeur ne peut résilier le contrat de travail dans les circonstances suivantes :

1 º au cas où le travailleur est en période de suspension du contrat de travail;

2 º igihe umukozi ari mu kiruhuko afitiye uburenganzira.

Mu gihe cy'integuza yatanzwe n'umukoresha, umukozi yemerewe gusiba akazi umunsi umwe (1) mu cyumweru kugira ngo ashake akandi kazi.

Nta nteguza ishobora kubaho mu gihe cy'igeragezwa.

**<u>Ingingo ya 25</u>: Amafaranga y'igihe cy'integuza**

Haseguriwe ibikubiye mu masezerano rusange, amategeko ngengamikorere cyangwa amasezerano y'umurimo, iseswa ryose ry'amasezerano y' umurimo nta nteguza cyangwa igihe cy'integuza kitubahirijwe cyose, bituma uyasheshe aha undi indishyi ziteganywa n'iri tegeko.

**<u>Ingingo ya 26</u>: Iseswa ry'amasezerano y'umurimo ritewe n'ikosa rikomeye**

Umukoresha asesa amasezerano y'umurimo hadatanzwe integuza mu gihe umukozi akoze ikosa rikomeye.

Mu gihe iseswa ry'amasezerano y'umurimo ritewe n'ikosa rikomeye,

2 º in case an employee is on a leave.

During the period of a notice given by an employer, the employee is allowed to be absent at work for one (1) day per week to look for a new job.

No notice can be given during the probation period.

**<u>Article 25</u>: Compensation notice**

Subject to the provisions of collective agreement, rules of procedure or employment contract, any contract termination without notice or without having fully observed the notice period results in the party responsible for termination paying the other party the compensation provided for by this Law.

**<u>Article 26</u>: Termination of employment contract for gross misconduct**

The employer terminates employment contract without notice in case of employee's gross misconduct.

If employment contract is terminated for gross misconduct, the employer must notify

2 º au cas où le travailleur est en congé.

Durant la période de préavis donné par l'employeur, le travailleur est autorisé à s'absenter au travail une (1) journée par semaine pour chercher un nouvel emploi.

Aucun préavis ne peut être donné pendant la période d'essai.

**<u>Article 25:</u> Indemnité compensatrice de préavis**

Sous réserve des dispositions de la convention collective, du règlement intérieur ou du contrat de travail, toute résiliation du contrat de travail sans préavis ou sans que le délai de préavis ait été intégralement observé emporte l'obligation pour la partie responsable de verser à l'autre partie une indemnité prévue par la présente loi.

**<u>Article 26:</u> Résiliation du contrat de travail pour faute lourde**

L'employeur résilie le contrat de travail sans préavis en cas de faute lourde commise par le travailleur.

Si le contrat de travail est résilié pour faute lourde, l'employeur doit aviser le

umukoresha agomba kumenyesha umukozi mu nyandiko mu gihe kitarenze amasaha mirongo ine n'umunani (48) uhereye igihe ibimenyetso by'ikosa rikomeye bigaragariye kandi akagaragaza impamvu z'iseswa.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rishyiraho urutonde rw'amakosa akomeye.

**Ingingo ya 27: Iseswa ry'amasezerano y'umurimo y'igihe kitazwi**

Amasezerano y'umurimo y'igihe kitazwi ashobora guseswa n'umwe mu bayagiranye bitewe n'impamvu zifite ishingiro.

**Ingingo ya 28: Irangira n'iseswa ry'amasezerano y'umurimo y'igihe kizwi**

Amasezerano y'umurimo y'igihe kizwi arangira iyo igihe cyateganyijwe kirangiye.

Icyakora, amasezerano y'umurimo y'igihe kizwi ashobora guseswa mbere y'igihe iyo impande zombi zibyumvikanyeho.

Uruhande rwifuza gusesa amasezerano y'umurimo y'igihe kizwi mbere y'igihe

the employee within forty-eight (48) hours of the occurrence of evidence of the gross misconduct specifying the grounds for termination.

An Order of the Minister in charge of labour establishes the list of gross misconduct.

**Article 27: Termination of indefinite term employment contract**

An indefinite term employment contract can be terminated by either party for legitimate reasons.

**Article 28: Expiry and termination of a fixed-term employment contract**

A fixed-term employment contract comes to an end at the expiry of the duration set therein.

However, a fixed-term employment contract can be terminated before the duration set therein by mutual consent of the parties.

A party wishing to terminate a fixed-term employment contract before the expiry of

travailleur par écrit dans les quarante-huit (48) heures suivant la survenance des preuves de ladite faute lourde en précisant les motifs de résiliation.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions établit la liste de fautes lourdes.

**Article 27: Résiliation du contrat de travail à durée indéterminée**

Le contrat de travail à durée indéterminée peut être résilié par l'une des parties au contrat pour des motifs légitimes.

**Article 28: Expiration et résiliation du contrat de travail à durée déterminée**

Un contrat de travail à durée déterminée prend fin à son terme.

Toutefois, un contrat de travail à durée déterminée peut être résilié avant son terme par consentement mutuel des parties.

La partie qui désire résilier un contrat de travail à durée déterminée avant son terme

cyateganyijwe rugomba kuba rufite impamvu ifite ishingiro ituma aseswa.

Iyo amasezerano y'umurimo y'igihe kizwi atongerewe mu nyandiko, umukozi agakomeza gukora, ahembwa hashingiwe ku minsi yakoze.

**Ingingo ya 29: Kumenyeshwa igihe cy'integuza**

Integuza igomba kumenyeshwa mu nyandiko uruhande ireba hakagaragazwa n'impamvu zituma amasezerano aseswa. Mu gihe cy'integuza, umukoresha n'umukozi bagomba kubahiriza ibyo bumvikanyeho.

Iyo habaye ubwumvikane bw'impande zombi, integuza ntiba ngombwa.

**Ingingo ya 30: Indishyi zitewe n'iseswa ry'amasezerano y'umurimo**

Iseswa ry'amasezerano y'umurimo rinyuranyije n'amategeko rituma hatangwa indishyi.

Indishyi zihabwa umukozi wirukanywe binyuranyije n'amategeko ntizishobora kujya munsi y'umushahara w'amezi atatu (3), ariko kandi ntizishobora kurenza umushahara ahabwa w'amezi atandatu (6).

the duration set therein must have legitimate reasons for termination.

If a fixed-term contract is not renewed in writing while the employee continues to work, the employee is remunerated based on worked days.

**Article 29: Notification of the notice period**

The notice must be notified in writing to the concerned party, specifying the grounds for contract termination. During the notice period, the employer and the employee must respect the terms agreed upon between them.

The notice is not required if so mutually agreed between parties.

**Article 30: Damages for termination of employment contract**

Unlawful termination of employment contract gives rise to the payment of damages.

When an annual leave coincides with another leave provided for under this Law, the annual leave is suspended and resumes after such a leave.

**Section 4: Working conditions for a pregnant, breastfeeding woman or for a person with disability**

**Article 63: Working conditions for a pregnant or breastfeeding woman**

A pregnant or breastfeeding woman is not employed for work which can cause harm

**Article 61: Reprise du travail après le congé de maternité**

Un travailleur de sexe féminin qui a accouché doit reprendre son travail au même poste, à la fin du congé de maternité.

Un employeur ne peut pas notifier à un travailleur de sexe féminin qui a accouché un préavis de licenciement tombant dans le congé de maternité.

**Article 62: Coïncidence des congés**

Lorsque le congé annuel coïncide avec un autre congé parmi ceux prévus par la présente loi, le congé annuel est suspendu et repris après ce congé.

**Section 4: Conditions de travail pour une femme enceinte, allaitante et pour une personne handicapée**

**Article 63: Conditions de travail pour une femme enceinte ou allaitante**

Une femme enceinte ou allaitante n'est pas employée dans un travail pouvant nuire à sa

ingaruka mbi ku buzima bwe, ubw'umwana atwite cyangwa ubw'uwo yonsa igihe afite icyemezo cya muganga wemewe na Leta.

Iyo bigaragara ko hari ingaruka mbi zaba ku buzima bw'umugore utwite cyangwa uwonsa hakorwa ibi bikurikira:

1 º gukuraho icyatera izo ngaruka;

2 º kumworohereza mu mikorere y'akazi ke.

**Ingingo ya 64: Imiterere y'ahakorerwa umurimo n'uburyo ukorwa ku mukozi ufite ubumuga**

Umukoresha aha umukozi ufite ubumuga ahantu ho gukorera n'uburyo bwo gukora bumworohereza akazi bujyanye n'ubumuga afite.

**Ingingo ya 65: Kwimurira umukozi ufite ubumuga ku wundi murimo**

Umukozi ufite ubumuga ashobora kwimurirwa ku wundi murimo mu kigo kimwe. Iyo yimuwe hitabwa kuri ibi bikurikira:

1 º ubumenyi afite;

to her life that of her foetus or baby in case she presents a medical certificate from a recognised medical doctor.

If it appears that there might be health risks to the pregnant or breastfeeding woman, the following measures are taken:

7 º removing what can cause such risks;

8 º facilitating the exercise of her work.

**Article 64: Working conditions for an employee with disability**

An employer grants an employee with disability the working conditions suitable to his/her disability.

**Article 65: Transfer of an employee with disability to another job position**

An employee with disability can be transferred to another job position within the same enterprise. When transferred, the following is taken into consideration:

1 º his/her qualifications;

santé, celle de son fœtus ou de son bébé, au cas où elle présente un certificat médical établi par un médecin agréé.

S'il s'avère qu'il peut y avoir de risques à la santé de la femme enceinte ou allaitante, les mesures suivantes sont prises :

1 º éliminer ce qui peut causer de tels risques;

2 º lui faciliter l'accomplissement de son travail.

**Article 64: Conditions de travail pour un travailleur handicapé**

Un employeur accorde à un travailleur handicapé les conditions de travail favorables à l'état de son handicap.

**Article 65: Mutation d'un travailleur handicapé à un autre poste**

Un travailleur handicapé peut être muté à un autre poste au sein d'une même entreprise. Lorsqu'il est muté, il est tenu compte de ce qui suit:

1 º ses qualifications;

2 º ubumuga afite;

3 º aho atuye.

Kwimurira umukozi ufite ubumuga ku wundi murimo ntibigomba gusubiza inyuma imibereho ye.

**UMUTWE WA IV: UMUSHAHARA**

**Ingingo ya 66: Uburenganzira ku mushahara**

Umukozi afite uburenganzira ku mushahara ku murimo yakoze, uretse igihe biteganywa ukundi n'amasezerano y'umurimo cyangwa n'iri tegeko. Nta mushahara wishyurwa iyo umukozi atakoze.

**Ingingo ya 67: Uburyo bwo kwishyura umushahara**

Umushahara wishyurwa hakoreshejwe ifaranga riteganywa n'amategeko abigenga.

Umukoresha yishyura umukozi umushahara we wose afitiye uburenganzira ugashyirwa kuri nimero ya konti yatanzwe n'umukozi mu nyandiko iri muri banki cyangwa mu kindi kigo cy'imari cyemewe n'amategeko.

2 º his/her disability;

3 º his/her place of residence.

The transfer of an employee with disability to another job position must not worsen his/her life conditions.

**CHAPTER IV: SALARY**

**Article 66: Right to salary**

An employee is entitled to a salary for the work performed, except when otherwise provided for by the employment contract or by this Law. No salary is paid if an employee has not performed work.

**Article 67: Means of salary payment**

Salary is paid using currency provided for by relevant Laws.

The employer pays to the employee the whole salary to which he/she is entitled and deposits it on an account given by the employee in writing in a bank or in a financial institution recognised.

2 º son handicap;

3 º son lieu de résidence.

La mutation d'un travailleur handicapé à un autre poste ne doit pas empirer ses conditions de vie.

**CHAPITRE IV: SALAIRE**

**Article 66: Droit au salaire**

Un travailleur a droit au salaire pour un travail effectué, sauf en cas de disposition contraire du contrat de travail ou de la présente loi. Aucun salaire n'est payé si un travailleur n'a pas effectué de travail.

**Article 67: Moyens de paiement du salaire**

Le salaire est payé en monnaie prévue par les lois en la matière.

L'employeur paye au travailleur tout le salaire auquel il a droit par versement direct sur un compte indiqué par écrit par le travailleur ouvert dans une banque ou une institution financière agréée.

**Ingingo ya 68: Umushahara fatizo**

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena umushahara fatizo.

**Ingingo ya 69: Kubara umushahara hashingiwe ku ijanisha ry'ibyakozwe**

Iyo umushahara wose cyangwa igice cyawo bigizwe n'amafaranga y'ijanisha ku byakozwe cyangwa ku byinjijwe, byose bishingirwaho mu kubara umushahara.

**Ingingo ya 70: Igihe umushahara wishyurirwa**

Umushahara wishyurwa ku buryo bukurikira:

1 º buri munsi ku mukozi ukora ku isaha cyangwa ku munsi;

2 º buri cyumweru ku mukozi wahawe akazi k'icyumweru;

3 º buri minsi cumi n'itanu (15) ku mukozi wahawe akazi k'iminsi cumi n'itanu (15);

4 º buri kwezi ku mukozi wahawe akazi ku kwezi.

**Article 68: Minimum wage**

An Order of the Minister in charge of labour determines minimum wage.

**Article 69: Determination of salary depending on the rate of the work done**

When the salary is made in whole or part of commissions on services or income, all these elements are taken into account when calculating the salary.

**Article 70: Intervals in payment of salary**

Salary is paid as follows:

1 º every day for an employee employed on hourly or daily basis;

2 º every week for an employee recruited for a week;

3 º every fifteen days for an employee recruited for a fortnight;

4 º every month for employee recruited on a one-month basis.

**Article 68: Salaire minimum**

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine le salaire minimum.

**Article 69: Détermination du salaire au prorata des prestations**

Lorsque le salaire est constitué en tout ou en partie par des commissions sur les services ou des revenus, il est tenu compte de tous ces éléments dans le calcul du salaire.

**Article 70: Intervalles dans le paiement du salaire**

Le salaire est payé de manière suivante :

1 º chaque jour pour un travailleur engagé par heure ou par journée;

2 º chaque semaine pour le travailleur engagé par semaine;

3 º tous les quinze jours pour le travailleur engagé par quinzaine;

4 º chaque mois pour le travailleur engagé par mois.

**Ingingo ya 71: Urupapuro rw'umushahara**

Umukoresha aha umukozi we urupapuro rw'umushahara rugaragaza umushahara w'ibanze, ibindi bihembo agenerwa, amafaranga akurwaho n'umushahara ahabwa, iyo abisabye.

**Ingingo ya 72: Kwishyurwa umushahara igihe cy'igihombo**

Iyo umukoresha ahombye, umukozi yishyurwa umushahara we hakurikijwe amategeko abigenga.

**Ingingo ya 73: Ifatira n'itangwa ry'umushahara**

Umukoresha ntashobora gufatira umushahara w'umukozi, keretse mu bihe biteganywa n'iri tegeko.

Uretse amafaranga ategetswe agomba gukatwa n'andi ashobora gukurwaho hakurikijwe ibyavuzwe mu masezerano y'umurimo, umukoresha afatira umushahara w'umukozi iyo bishingiye ku gushyira mu bikorwa umwanzuro w'urukiko cyangwa iyo umukozi ayatanze ku bushake bwe.

**Article 71: Payroll**

The employer gives the employee an individual monthly payroll which details the basic salary, other various allowances and bonuses, withholdings and the net salary on employee's request.

**Article 72: Payment of salary in case of insolvency**

In case of insolvency of the employer, an employee is paid his/her salary in accordance with relevant Laws.

**Article 73: Seizure and assignment of salary**

An employer cannot seize the employee's salary, except for circumstances provided for by this Law.

Except for compulsory deductions and other possible charges in accordance with the provisions of employment contract, an employer seizes employee's salary in case of forced execution of court judgement or in case of voluntary transfer.

**Article 71: Bulletin de paie**

L'employeur remet au travailleur le bulletin individuel de paie qui contient le salaire de base, diverses indemnités et primes, les retenues ainsi que le salaire net à la demande du travailleur.

**Article 72: Paiement du salaire en cas d'insolvabilité**

En cas d'insolvabilité de l'employeur, un travailleur reçoit son salaire conformément aux lois en la matière.

**Article 73: Saisie et cession du salaire**

Un employeur ne peut pas saisir le salaire d'un travailleur, sauf dans les cas prévus par la présente loi.

Sauf en cas de déductions obligatoires et d'autres charges éventuelles stipulées dans le contrat de travail, l'employeur saisit le salaire du travailleur en cas d'exécution forcée d'un jugement ou en cas de transfert volontaire.

Umukoresha ntashobora gukata amafaranga arenze kimwe cya kabiri (1/2) cy'umushahara w'umukozi kugira ngo yishyure amafaranga yari yaramugurije, gufatira ku ngufu, gutanga ku bushake umusanzu w'ishyirahamwe umukozi abereye umunyamuryango kandi nta nyungu zigomba kongerwa ku mafaranga yishyurwa n'umukozi.

Ihame rivugwa mu gika cya 3 cy'iyi ngingo rikoreshwa no ku mushahara wishyuwe mbere y'igihe gisanzwe umukozi ahemberwa.

**<u>Ingingo ya 74</u>: Inyungu ku mafaranga yakaswe mu buryo budakurikije amategeko**

Umukozi abona inyungu ibazwe ku mubare w'ikigereranyo rusange ku nguzanyo y'igihe gito gishyirwaho na Banki Nkuru y'u Rwanda ku mafaranga yakuwe ku mushahara we ku buryo bunyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko.

Inyungu zivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo zibarwa guhera ku munsi umukozi aba yarayahembeweho.

The employer cannot deduct more than a half (1/2) of an employee's salary for refunding of any money borrowed by him/her, forced execution of court judgement or in case of voluntary transfer of contributions to an organisation to which the employee is a member and the employer must not charge any interest on such amounts payable by the employee.

The principle referred to in Paragraph 3 of this Article applies also to the salary paid in advance.

**<u>Article 74</u>: Interests in case of illegal deductions**

An employee is entitled to interests calculated at the average rate as determined by the National Bank of Rwanda for amounts deducted from an employee's salary contrary to the provisions of this Law.

Interests provided for in Paragraph One of this Article accrue as from the date on which the employee should have been paid.

L'employeur ne peut déduire plus de la moitié (1/2) du salaire du travailleur pour le remboursement de toute somme empruntée par lui, l'exécution forcée du jugement ou en cas de transfert volontaire des contributions à une organisation dont le travailleur est membre et l'employeur ne doit pas facturer des intérêts sur les frais payables par le travailleur.

Le principe énoncé à l'alinéa 3 du présent article s'applique aussi au salaire versé d'avance.

**<u>Article 74</u>: Intérêts en cas de retenue illégale**

Un travailleur bénéficie d'intérêts calculés au taux moyen fixé par la Banque Nationale du Rwanda pour les sommes retenues sur le salaire du travailleur en violation des dispositions de de la présente loi.

Les intérêts visés à l'alinéa premier du présent article commencent à courir à la date où le salaire était exigible.

**Ingingo ya 75: Ibigenerwa umukozi wimuwe by'igihe gito**

Umukozi wimuwe by'igihe gito aho yakoreraga kubera impamvu z'akazi, ahabwa uburyo bwo kugenda, ubwo kumutunga n'ubwo gucumbika. Amategeko ngengamikorere y'ikigo agena uburyo bikorwa.

**Ingingo ya 76: Ubuzime bw'iyishyurwa ry'umushahara**

Umushahara umaze imyaka ibiri (2), ibarwa uhereye igihe umukozi yagombaga kuwuhemberwa utarishyuzwa ntuba ukishyujwe.

Icyakora, igihe cyo kubara ubuzime kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gihagarikwa n'imwe mu mpamvu zikurikira:

1 º umukoresha atangiye ibarura ry'amafaranga yose bemeranyijweho n'umukozi ko ari umwenda;

2 º intumwa z'abakozi zashyikirijwe icyo kibazo mu kigo aho ziri;

**Article 75: Allowances allocated to the employee on a temporary transfer**

An employee temporary transferred from his/her usual workplace for professional reasons is given means of transport, meals and accommodation. The rules of procedure of an enterprise determine modalities to do so.

**Article 76: Prescription of salary payment**

Salary which is not paid in two (2) years from the date the employee is entitled to it, cannot be claimed.

However, the prescription period referred to in Paragraph One of this Article is interrupted by one of the following reasons:

1 º the employer starts calculating all amounts agreed with the employee as the debt owed;

2 º the case is submitted to employees' representatives in an enterprise that has them;

**Article 75: Indemnités versées au travailleur en cas de mutation temporaire**

Un travailleur muté temporairement de son lieu habituel de travail pour des raisons professionnelles, bénéficie des moyens de déplacement, de restauration et de logement. Le règlement intérieur de l'entreprise détermine les modalités de le faire.

**Article 76: Prescription de paiement du salaire**

Le salaire qui n'est pas payé dans deux (2) ans à compter de la date à laquelle l'employé y a droit, ne peut être réclamé.

Toutefois, la durée de prescription stipulée à l'alinéa premier du présent article est interrompue par l'un des motifs suivants :

1 º l'employeur commence à calculer toutes les sommes convenues avec le travailleur qu'elles sont les dettes dues;

2 º l'affaire est soumise aux délégués du personnel dans une entreprise ayant ces délégués ;

3 º ubugenzuzi bw'umurimo bwasabwe gukemura impaka mu bwumvikane butaratanga umwanzuro;

4 º ikirego cy'umukozi kikiri mu rukiko.

3 º the labour inspectorate has been requested to settle the dispute amicably and has not given its conclusions yet;

4 º the employee's case is pending before the court.

3 º l'inspection du travail saisie d'une demande de règlement à l'amiable du différend n'a pas encore donné ses conclusions ;

4 º l'affaire du travailleur est devant la juridiction;

## UMUTWE WA V: UBUZIMA N'UMUTEKANO KU KAZI

## CHAPTER V: OCCUPATIONAL HEALTH AND SAFETY

## CHAPITRE V: SANTÉ ET SÉCURITÉ AU TRAVAIL

### Ingingo ya 77: Imiterere rusange y'ubuzima n'umutekano ku kazi

Umukoresha agomba kubungabunga ubuzima, umutekano ku kazi n'imibereho myiza by'abakozi bakora mu kigo cye n'iby'abantu bose bahagenda.

Umukozi ntasabwa ikiguzi ku bikorwa bigamije kubungabuga ubuzima n'umutekano mu kazi.

### Article 77: General health and safety conditions in the workplace

An employer must ensure the health, safety and welfare in the workplace for employees working in his/her enterprise and for all persons who frequent the enterprise.

An employee is not required to pay any cost in connection with measures aimed at ensuring occupational health and safety.

### Article 77: Conditions générales de santé et de sécurité au travail

Un employeur doit assurer la santé, la sécurité et le bien-être au travail pour les travailleurs travaillant dans son entreprise et pour toutes les personnes qui la fréquentent.

Un travailleur n'est pas tenu de payer le coût des mesures visant à assurer la santé et la sécurité au travail.

### Ingingo ya 78: Komite y'Ubuzima n'Umutekano ku kazi

Ikigo gishyiraho Komite y'Ubuzima n'Umutekano ku kazi.

### Article 78: Occupational Health and Safety Committee

An enterprise establishes an Occupational Safety and Health Committee.

### Article 78: Comité de santé et de sécurité au travail

Une entreprise met en place un Comité de santé et de sécurité au travail.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena ibigomba kubahirizwa muri rusange mu bijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi.

**Ingingo ya 79: Ibikoresho bifasha umuntu kwirinda impanuka n'indwara bikomoka ku kazi**

Umukoresha aha buri muntu winjiye mu kigo aho ashobora guhura n'impanuka cyangwa indwara bikomoka ku kazi, ibikoresho byabugenewe bimurinda kandi akamuha amabwiriza y'uburyo bikoreshwa akanagenzura ko abikoresha.

**Ingingo ya 80: Ubutabazi bw'ibanze, kurwanya inkongi y'umuriro n'ibyago bishobora kuba ku kazi**

Umukoresha ashyiraho uburyo buhamye bwerekeye ubutabazi bw'ibanze, kurwanya inkongi y'umuriro, gukumira no guhangana n'ibyago bishobora kuba mu kigo abereye umuyobozi.

An Order of the Minister in charge of labour determines general occupational health and safety conditions.

**Article 79: Personal protective equipment**

An employer provides every person entering an area in an enterprise where he/she is likely to be exposed to the risk of injury or harm from contamination, with suitable protective equipment and instructions for their use and verify that they are used.

**Article 80: First aid, fire-fighting and imminent danger**

An employer takes the necessary measures for first aid, fire-fighting, preventing and fighting imminent danger that can occur in his/her enterprise.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine les conditions générales de santé et de sécurité au travail.

**Article 79: Équipements de protection individuelle**

Un employeur fournit à chaque personne entrant dans une zone d'une entreprise où elle peut être exposée à un accident ou à une contamination, des équipements appropriés de protection et des instructions relatives à leur utilisation et vérifie qu'ils sont utilisés.

**Article 80: Premiers soins de secours, lutte contre l'incendie et danger potentiel**

Un employeur prend les mesures nécessaires pour les premiers soins de secours, la lutte contre l'incendie, la prévention et la lutte contre le danger potentiel pouvant se produire dans son entreprise.

**Ingingo ya 81: Gukumira no kurwanya impanuka n'indwara zikomoka ku kazi**

Mu rwego rwo gukumira no kurwanya impanuka n'indwara bikomoka ku kazi, umukoresha akora ibi bikurikira:

1 º kugenzura ibyatera impanuka n'indwara zikomoka ku kazi;

2 º gushyiraho politiki y'ubuzima n'umutekano ku kazi no kugenzura uko ishyirwa mu bikorwa;

3 º gukumira ibyatera impanuka n'indwara zikomoka ku kazi;

4 º kugabanya mu buryo bushoboka ibyatera impanuka n'indwara zikomoka ku kazi;

5 º kurwanya impanuka n'indwara zikomoka ku kazi;

6 º guhuza uburyo bwo kubungabunga ubuzima n'umutekano by'abakozi ku kazi n'ikoranabuhanga rishya.

**Article 81: Preventing and fighting occupational accidents and diseases**

In order to prevent and fight occupational accidents and diseases, an employer does the following:

1 º to assess risks of occupational accidents and diseases;

2 º to develop occupational safety and health policy and monitor its implementation;

3 º to prevent risks of occupational accidents and diseases;

4 º to reduce in the best possible way risks of occupational accidents and diseases;

5 º to fight occupational accidents and diseases;

6 º to adapt modalities of preserving occupational health and security of employees with new technology.

**Article 81: Prévenir et lutter contre les accidents et les maladies professionnels**

Dans le cadre de la prévention et de lutte contre les accidents et les maladies professionnels, un employeur fait ce qui suit:

1 º évaluer les risques d'accidents et de maladies professionnels;

2 º mettre en place une politique de santé et de sécurité au travail et surveiller sa mise en œuvre;

3 º prévenir les risques d'accidents et de maladies professionnels;

4 º réduire de manière significative les risques d'accidents de travail et de maladies professionnels;

5 º lutter contre les accidents et les maladies professionnels;

6 º adapter les modalités de préserver la santé et la sécurité des travailleurs au travail à la nouvelle technologie.

**Ingingo ya 82: Imenyekanisha ry'impanuka, indwara cyangwa urupfu bikomoka ku kazi**

Umukoresha amenyekanisha mu buyobozi bw'Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda no mu Bugenzuzi bw'umurimo bw'aho ikigo giherereye, impanuka, indwara cyangwa urupfu bikomoka ku kazi hakurikijwe amategeko abigenga.

Iyo umukoresha atamenyekanishije impanuka, uburwayi cyangwa urupfu bikomoka ku kazi, bikorwa n'uwagize impanuka cyangwa uwarwaye. Bishobora gukorwa kandi n'uwo mu muryango w'uwagize impanuka, uw'uwarwaye, uw'uwapfuye ubifitiye uburenganzira cyangwa urwego rubifitiye ububasha mu gihe giteganywa n'amategeko abigenga.

**UMUTWE WA VI: UKWISHYIRAHAMWE KW'ABAKOZI N'UKW'ABAKORESHA**

**Ingingo ya 83: Uburenganzira bw'abakozi bwo kwishyira hamwe**

Umukozi afite uburenganzira bukurikira:

1 º kwishyira hamwe n'abandi mu gushinga sendika;

**Article 82: Declaration of occupational accidents, disease or death**

An employer declares to the management of the social security body in Rwanda and to the Inspectorate of Labour where the enterprise is located, occupational accident, disease or death in accordance with relevant Laws.

In case the employer fails to declare occupational accident, disease or death, the victim of an accident or of the disease is entitled to do it. It can also be done by the beneficiary of the victim of accident or disease or of the deceased or by the competent authority within a period provided for by relevant Laws.

**CHAPTER VI: ASSOCIATION OF EMPLOYEES AND ASSOCIATION OF EMPLOYERS**

**Article 83: Employees' right to freedom of association**

An employee has the right to:

1 º join others in forming a trade union;

**Article 82: Déclaration d'accidents, de maladies professionnels ou de décès liés au travail**

Un employeur déclare à l'administration de l'institution de sécurité sociale au Rwanda et à l'inspection du travail où l'entreprise se situe, l'accident, la maladie ou le décès liés au travail conformément aux lois en la matière.

Si l'employeur ne déclare pas un accident, une maladie ou un décès lié au travail, la victime de l'accident ou de la maladie le fait. Cela peut également être fait par l'ayant droit de la victime de l'accident, du malade ou celui de la personne décédée ou par l'autorité compétente dans un délai prévu par les lois en la matière.

**CHAPITRE VI: ASSOCIATION DES TRAVAILLEURS ET CELLE DES EMPLOYEURS**

**Article 83: Droit à la liberté d'association des travailleurs**

Un travailleur a le droit de :

1 º s'associer aux autres pour créer un syndicat;

2 º kwinjira muri sendika yihitiyemo;

3 º kwitabira ibikorwa byemewe n'amategeko bya sendika.

**Ingingo ya 84: Uburenganzira bw'abakoresha bwo kwishyira hamwe**

Umukoresha afite uburenganzira bukurikira:

1 º gushyiraho ishyirahamwe ry'abakoresha;

2 º kwinjira mu ishyirahamwe ry'abakoresha yihitiyemo;

3 º kwitabira ibikorwa byemewe n'amategeko by'ishyirahamwe ry'abakoresha.

**Ingingo ya 85: Kwandikisha inzego zihagararira abakozi n'izihagararira abakoresha**

Inzego zihagararira abakozi n'izihagararira abakoresha zandikishwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena uburyo n'ibisabwa mu

2 º join a trade union of his/her choice;

3 º participate in lawful activities of a trade union.

**Article 84: Employers' right to freedom of association**

An employer has the right to:

1 º form employers' association;

2 º join employers' association of his/her choice;

3 º participate in lawful activities of employers' association.

**Article 85: Registration of employees' organisations and employers' organisations**

Employees' organisations and employers' organisations are registered in accordance with the provisions of this Law.

An Order of the Minister in charge of labour determines the modalities and conditions

2 º s'affilier à un syndicat de son choix;

3 º participer aux activités licites d'un syndicat.

**Article 84: Droit à la liberté d'association des employeurs**

Un employeur a le droit de :

1 º créer une association d'employeurs;

2 º s'affilier à une association d'employeurs de son choix;

3 º participer aux activités licites d'une association d'employeurs.

**Article 85: Enregistrement des organisations des travailleurs et des organisations des employeurs**

Les organisations des travailleurs et les organisations des employeurs sont enregistrées conformément aux dispositions de la présente loi.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine les modalités et

kwandikisha inzego zihagararira abakozi n'izihagararira abakoresha.

**Ingingo ya 86: Ubuzimagatozi**

Urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha rugira uburenganzira bushingiye ku buzimagatozi nyuma yo gutangaza amategeko shingiro yabyo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Amafaranga ajyanye no gutangaza amategeko shingiro mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda yishyurwa n'urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha.

**Ingingo ya 87: Uburenganzira bw'inzego zihagararira abakozi n'ubw'izihagararira abakoresha**

Inzego zihagararira abakozi n'izihagararira abakoresha zifite ubuzimagatozi zifite uburenganzira bwo kuregera urukiko, guhagararira abakozi cyangwa abakoresha, gukora ibiteganyijwe mu mategeko shingiro yazo no kubona umutungo, ari uwimukanwa cyangwa utimukanwa zahaweho impano cyangwa ibyo zishyuweho umwenda.

for registration of employees' organisations and employers' organisations.

**Article 86: Legal personality**

An employees' organisation or an employers' organisation enjoys legal capacity after the publication of its Articles of Association in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

The cost of the publication of Articles of Association in the Official Gazette of the Republic of Rwanda is paid by an employees' organisation or an employers' organisation.

**Article 87: Rights of employees' organisations and employers' organisations**

Employees' organisations and employers' organisations enjoying legal personality have the right to file a case to court, to represent employees or employers, to comply with their respective Articles of Association and to acquire movable or immovable property through donation or debt repayment.

les conditions d'enregistrement des organisations des travailleurs et des organisations des employeurs.

**Article 86 : Personnalité juridique**

Une organisation des travailleurs ou une organisation des employeurs jouit de la capacité juridique après la publication de ses statuts au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Les frais liés à la publication des statuts au Journal Officiel de la République du Rwanda sont à la charge de l'organisation des travailleurs ou des employeurs.

**Article 87 : Droits des organisations des travailleurs et des organisations des employeurs**

Les organisations des travailleurs et les organisations des employeurs jouissant de la personnalité juridique, ont le droit d'ester en justice, de représenter les travailleurs ou les employeurs, de faire ce qui est prévu dans leurs statuts respectifs et d'acquérir, à titre gratuit ou par paiement des dettes, des biens meubles ou immeubles.

Inzego zihagararira abakozi n'izihagararira abakoresha zishobora kugirana amasezerano hagati yazo mu Gihugu, mu karere cyangwa ku rwego mpuzamahanga.

Employees' organisations and employers' organisations can enter into agreements amongst themselves at the national, regional or international levels.

Les organisations des travailleurs et les organisations des employeurs peuvent conclure des accords entre elles au niveau national, régional ou international.

**Ingingo ya 88: Uburenganzira bwo kwinjira mu kigo**

**Article 88: Right entry in an enterprise**

**Article 88: Droit d'entrer dans une entreprise**

Sendika yanditse ishaka abanyamuryango cyangwa yifuza gukoresha inama, yinjira mu kigo ari uko ibiherewe uburenganzira n'ubuyobozi bw'ikigo.

A registered trade union recruiting members or willing to hold meetings enters the enterprise upon authorisation from the management of the enterprise.

Un syndicat enregistré qui recrute les membres ou qui veut tenir des réunions n'entre dans l'entreprise qu'avec l'autorisation de l'administration de l'entreprise.

Iyo umukoresha yanze ko abahagarariye sendika binjira mu kigo, sendika ishobora gushyikiriza ikibazo umugenzuzi w'umurimo w'aho ikigo giherereye.

If an employer refuses trade unions representative entry into an enterprise, the trade union can refer the matter to the labour inspector of the area where enterprise is located.

Lorsqu'un employeur refuse aux représentants du syndicat l'entrée dans une entreprise, le syndicat peut saisir l'inspecteur du travail du ressort où l'entreprise est située.

**Ingingo ya 89: Impuzamasendika ihagararira abakozi benshi kurusha izindi**

**Article 89: Federation representing the majority of employees**

**Article 89: Fédération représentant la majorité des travailleurs**

Impuzamasendika ihagararira abakozi ni iyatowe n'abakozi benshi kurusha izindi. Ibahagararira mu gihe cy'imyaka itatu (3) hashingiwe kuri ibi bikurikira:

1 º ibyavuye mu itora ry'inzego zihagararira abakozi;

A federation representing employees is the one elected by the majority of employees. It represents them for a period of three (3) years basing on the following:

1 º the results from election of employees' organisations;

Une fédération représentant les travailleurs est celle élue par la majorité des travailleurs. Elle les représente pour une durée de trois (3) ans sur base de ce qui suit:

1 º les résultats de l'élection des organisations des travailleurs;

2 º umubare w'abagize amasendika ayigize wemezwa hakurikijwe uko imisanzu itangwa.

**Ingingo ya 90: Urugaga ruhagararira abakoresha benshi kurusha izindi**

Urugaga ruhagararira abakoresha ni urwatowe n'abakoresha benshi. Rubahagararira mu gihe cy'imyaka itatu (3) hashingiwe kuri ibi bikurikira:

1 º ibyavuye mu matora y'Inzego zihagararira abakoresha;

2 º umubare w'abagize amahuriro agize urugaga wemezwa hakurikijwe uko imisanzu itangwa.

2 º the number of the trade unions' members confirmed following the regular paid contributions.

**Article 90: Federation representing the majority of employers**

A federation representing the majority of employers is the one elected by many employers. It represents them for a period of three (3) years basing on the following:

1° the results from election of the employers' organisations;

2° the number of members of the organisations of the federation confirmed following the regular paid contributions.

2 º le nombre de membres des syndicats confirmé selon la régularité dans le paiement des cotisations.

**Article 90: Fédération représentant la majorité des employeurs**

Une fédération représentant la majorité des employeurs est celle élue par plusieurs employeurs. Elle les représente pour une durée de trois (3) ans sur base de ce qui suit:

1 º les résultats de l'élection des organisations des employeurs;

2 º le nombre des membres des organisations de la fédération confirmé selon la régularité dans le paiement des cotisations.

**UMUTWE WA VII: AMASEZERANO RUSANGE N'AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'IKIGO**

**Icyiciro cya mbere: Amasezerano rusange**

**Ingingo ya 91: Ibikubiye mu masezerano rusange**

Amasezerano rusange agomba kuba agaragaramo nibura ibijyanye n'ibi bikurikira:

1 º uburyo bwo guha umukozi akazi n'ubwo gusesa amasezerano;

2 º uburenganzira bw'umukozi bwo kujya muri sendika no gutanga ibitekerezo;

3 º ibirebana n'inzego z'imirimo;

4 º umushahara ugenwa kuri buri rwego rw'umurimo, amasaha y'ikirenga n'uburyo umukozi ayahemberwa, igihe cy'igeragezwa ry'umurimo n'icy'integuza;

**CHAPTER VII: COLLECTIVE AGREEMENTS AND RULES OF PROCEDURE OF ENTERPRISE**

**Section One: Collective agreement**

**Article 91: Content of Collective agreement**

Collective agreement must contain at least elements relating to the following:

1 º conditions of recruitment of an employee and termination of contract;

2 º employee's right of joining trade unions and freedom of opinion;

3 º professional categories;

4 º the salary applicable to each professional category, overtime and its compensation rate , the duration of the probation period and notice;

**CHAPITRE VII: CONVENTIONS COLLECTIVES ET RÈGLEMENT INTÉRIEUR DE L'ENTREPRISE**

**Section première: Convention collective**

**Article 91: Contenu d'une convention collective**

Une convention collective doit au moins contenir les éléments relatifs à ce qui suit :

1 º les conditions de recrutement d'un travailleur et de résiliation du contrat;

2 º le libre exercice du droit syndical et la liberté d'opinion du travailleur;

3 º les catégories professionnelles;

4 º les salaires applicables par catégories professionnelles, les heures supplémentaires et les taux de leur compensation, la durée de la période d'essai et du préavis;

5 º ikiruhuko gihemberwa, amafaranga y'uburambe ku murimo n'amafaranga y'urugendo;

6 º uburyo bwo kuvugurura no guhindura amasezerano yose cyangwa igice cyayo;

7 º uburyo bwo gukemura amakimbirane yavutse mu gihe cyo gushyira mu bikorwa amasezerano;

8 º igihe amasezerano rusange atangirira gukurikizwa.

**Ingingo ya 92: Ingingo zibereye umukozi mu masezerano rusange**

Amasezerano rusange agomba guteganya ingingo zibereye umukozi.

Icyakora, mu gihe amasezerano y'umurimo cyangwa amategeko ngengamikorere ari yo ateganya ingingo zibereye umukozi ni zo zubahirizwa.

**Ingingo ya 93: Uburyo bwo gushyikirana**

Impande zishyikirana mu masezerano rusange zibikora nta buriganya. Buri ruhande rugomba kugira uburenganzira ku

5 º the paid leave, seniority allowance and transport allowance;

6 º the conditions of revision and modification of all or part of the convention;

7 º modalities of disputes settlement arising during the implementation of agreement;

8 º commencement of collective agreement.

**Article 92: Favourable conditions to an employee in collective agreement**

The collective agreement must provide favourable conditions to an employee.

However, in case employment contract or the rules of procedure provide favourable conditions to an employee, the latter are applied.

**Article 93: Negotiating modalities**

Parties to the negotiation of a collective agreement negotiate in good faith. Every party must have access to the other party's

5 º les congés payés, les primes d'ancienneté et les indemnités de déplacement;

6 º les conditions de révision et de modification de tout ou d'une partie de la convention;

7 º modalités de résoudre les litiges survenus pendant l'exécution de la convention

8 º l'entrée en vigueur de la convention collective.

**Article 92: Conditions favorables à un travailleur dans la convention collective**

La convention collective doit prévoir les conditions favorables à un travailleur.

Toutefois, dans le cas où le contrat de travail ou le règlement intérieur prévoit les conditions favorables au travailleur, celles-ci sont appliquées.

**Article 93: Modalités de négociation**

Les parties à la négociation de la convention collective négocient de bonne foi. Chaque partie doit avoir accès aux

makuru y'urundi ruhande ajyanye n'icyo zishyikiranaho.

Amakuru yasabwe mu rwego rw'imishyikirano y'amasezerano rusange ntagomba guhabwa undi muntu keretse iyo impande bireba zemeranyijwe gutanga ayo makuru hakoreshejwe inyandiko.

Iyo mu kigo hari inzego zihagararira abakozi zirenze rumwe zishyira hamwe kugira ngo zikore imishyikirano rusange. Icyakora, iyo kwishyira hamwe binaniranye, urwego ruhagararira abakozi rufite abanyamuryango benshi mu kigo kurusha izindi ni rwo rukora imishyikirano rusange mu izina ry'izindi nzego z'abahagararira abakozi.

Amasezerano rusange yasinywe agumana agaciro kayo. Ntashobora guseswa bisabwe n'urundi rwego mu zihagararira abakozi rutayagizemo uruhare keretse byumvikanwaho n'inzego bireba.

Amasezerano rusange hagati y'impande zishyikirana akorwa mu nyandiko kandi agashyirwaho umukono n'impande zombi.

information relating to the negotiation subject matter.

Information requested for the purpose of negotiation of a collective agreement must not be disclosed to any third party without prior written consent of the concerned parties.

If in an enterprise there are several employees' organisations they team up to carry on collective negotiations. However, if they fail to team up, the employees' organisation representing the majority of employees in an enterprise carries on the collective negotiations on behalf of other employees' organisations.

The concluded collective agreement remains valid. It cannot be terminated on request by another employees' organisation which did not take part in it unless agreed upon by the concerned parties.

The collective agreement between negotiating parties are concluded in writing and signed by both parties.

informations de l'autre partie relatives à l'objet de négociation.

Les informations demandées pour la négociation de la convention collective ne doivent pas être données à une tierce personne sans le consentement préalable écrit des parties concernées.

Si dans une entreprise il existe plusieurs organisations des travailleurs, elles s'associent pour mener des négociations collectives. Toutefois, si elles n'arrivent pas à s'associer, l'organisation des travailleurs représentant la majorité des travailleurs dans une entreprise mène des négociations collectives au nom des autres organisations des travailleurs.

La convention collective conclue reste valable. Elle ne peut pas être résiliée sur demande d'une autre organisation des travailleurs qui n'y a pas pris part sauf sur accord des parties concernées.

La convention collective entre les parties en négociation est conclue par écrit et signée pas les deux parties.

**Ingingo ya 94: Igihe amasezerano rusange amara**

Amasezerano rusange ashobora kuba ay'igihe kizwi cyangwa ikitazwi.

Iyo nta ngingo zibiteganya ukundi, impande zombi zibyumvikanyeho, amasezerano rusange y'igihe kizwi arangije igihe cyayo akomeza gukurikizwa nk'aho ari ay'igihe kitazwi.

**Ingingo ya 95: Kwagura imbibi z'amasezerano rusange**

Amasezerano rusange akurikizwa nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'umubare w'abakozi cyangwa uw'abakoresha b'urwego rw' umurimo yashyiriweho, ashobora kwagurirwa imbibi.

Impuzamasendika cyangwa urugaga rw'abakozi, urugaga rw'abakoresha cyangwa impuzangaga, byashyize umukono ku masezerano rusange y'umurimo, impande zombi zimaze kubyumvikanaho, amasezerano rusange cyangwa ingingo zimwe zayo bikurikizwa ku bakoresha n'abakozi bo mu gace cyangwa icyiciro cy'umurimo amasezerano akurikizwamo, hakurikijwe igihe n'uburyo bwateganyijwe na yo.

**Article 94: Duration of collective agreement**

The collective agreement is for a specified or unspecified period of time.

If there are no contrary provisions, upon mutual consent by both parties, expired collective agreements for a specified period remain effective as if they were collective agreements for unspecified period.

**Article 95: Extension of the collective agreement**

The collective agreements applicable to at least two thirds (2/3) of the number of employees or employers representing the category of profession can be subject to extension.

The employees' federation or confederation, the employers' federation or confederation that have signed labour collective agreement, and upon agreement by both parties, the collective agreement or some of its provisions apply to all employers and employees of area or of some professional categories, in accordance with time and ways provided by them.

**Article 94: Durée de convention collective**

La convention collective est pour une période déterminée ou indéterminée.

À défaut de dispositions contraires, suite à l'accord des deux parties, la convention collective à durée déterminée qui arrive à son terme continue à être respectée comme s'il s'agissait d'une convention à durée indéterminée.

**Article 95: Extension de la convention collective**

La convention collective qui s'applique au moins aux deux tiers (2/3) des travailleurs ou des employeurs représentatifs de la catégorie professionnelle, peut faire l'objet d'extension.

La fédération ou la confédération des travailleurs, la fédération ou la confédération des employeurs qui ont signé la convention collective de travail, et après l'accord des deux parties, la convention collective ou certaines de ses dispositions s'appliquent à tous les employeurs et travailleurs de la zone ou catégories professionnelles où la convention s'applique, conformément à la durée et aux modalités prévues par elles.

**Ingingo ya 96: Gukuraho ukwagurwa kw'amasezerano rusange**

Impande zombi zimaze kubyumvikanaho, zishobora gukuraho ukwagurwa kw' amasezerano rusange cyangwa zimwe mu ngingo zayo.

**Ingingo ya 97: Komite y'Imishyikirano**

Inzego zihagararira abakozi n'izihagararira abakoresha zishyiraho komite ishinzwe gukora imishyikirano y'amasezerano rusange mu izina ryazo.

**Ingingo ya 98: Igenzura ry'abanyamuryango**

Impuzamasendika cyangwa urugaga rw'abakoresha bisaba kwemererwa guhagararira abakozi cyangwa abakoresha benshi kurusha izindi bigomba kwemerera ubuyobozi bushinzwe umurimo kugenzura ibitabo cyangwa ubundi buryo bugaragaza umubare nyakuri w'abanyamuryango.

**Ingingo ya 99: Kumenyesha abakozi amasezerano rusange**

Umukoresha amenyesha abakozi bose bireba amasezerano rusange yashyizweho umukono n'impande zombi.

**Article 96: Exemption of extension of the extended collective agreement**

Upon the agreement, both parties can put an end to the extension of the collective agreement or some of its provisions.

**Article 97: Negotiating Committee**

The employees' organisations and employers' organisations designate a committee in charge of negotiations of the collective agreement on their behalf.

**Article 98: Verification of members**

An employees' federation or an employers' federation requesting to officially represent the majority of employees or employers must allow the labour administration to check its books or any other means indicating the exact number of members.

**Article 99: Informing employees about the collective convention**

The employer informs all the concerned employees about the collective agreement signed by both parties.

**Article 96: Suppression de l'extension de la convention collective étendue**

Après commun accord, les deux parties peuvent mettre fin à l'extension de la convention collective ou à quelques-unes de ses dispositions.

**Article 97 : Comité de négociation**

Les organisations des travailleurs et les organisations des employeurs désignent un comité chargé de négociations de convention collective en leur nom.

**Article 98: Vérification des membres**

Une fédération des travailleurs ou une fédération des employeurs qui demande l'autorisation de représenter la majorité des travailleurs ou des employeurs, doit autoriser l'administration du travail de vérifier les livres ou autres moyens indiquant le nombre exact des membres.

**Article 99: Informer les travailleurs sur la convention collective**

L'employeur informe tous les travailleurs concernés sur la convention collective signée par les deux parties.

Kopi y'amasezerano rusange ihabwa abahagarariye abakozi mu kigo n'umugenzuzi w'umurimo w'aho ikigo giherereye.

**Icyiciro cya 2: Amategeko ngengamikorere**

**Ingingo ya 100: Ishyirwaho ry'amategeko ngengamikorere y'ikigo**

Ikigo gikoresha nibura abakozi batanu (5) gishyiraho amategeko ngengamikorere.

Ubuyobozi bw'ikigo bushyiraho amategeko ngengamikorere y'ikigo nyuma yo kubiganiraho n'abahagarariye abakozi.

Amategeko ngengamikorere yandikwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda no mu zindi ndimi zikoreshwa mu butegetsi bwa Leta aho bibaye ngombwa.

Ku kigo gifite amashami menshi, buri shami rishobora gushyiririrwaho ingingo zihariye zikubiyemo amabwiriza arigenga.

Iby'ingenzi muri ayo mategeko byerekeye muri rusange uko akazi gakorwa, imyitwarire, ibijyanye n'ubuzima

A copy of the collective agreement is provided to the employees' representatives in an enterprise and to the labour inspector of the area where enterprise is located.

**Section 2: Rules of procedure**

**Article 100: Establishment of rules of procedure**

An enterprise with at least five (5) employees establishes rules of procedure.

The management of an enterprise establishes rules of procedure of an enterprise after consultation with employees' representatives.

The rules of procedure are written in Ikinyarwanda and in the other official languages where necessary.

For an enterprise with several branches, each branch can establish its specific rules of procedure.

The main content of those rules are related to working conditions, discipline and provisions concerning health and the security at workplace.

Une copie de la convention collective est donnée aux délégués du personnel dans une entreprise et à l'inspecteur de travail du ressort où l'entreprise est située.

**Section 2 : Règlement intérieur**

**Article 100 : Établissement du règlement intérieur d'une entreprise**

Une entreprise employant au moins cinq (5) travailleurs établit un règlement intérieur.

L'administration d'une entreprise met en place le règlement intérieur d'une entreprise après consultation avec les délégués du personnel.

Le règlement intérieur est rédigé en Ikinyarwanda et dans d'autres langues officielles si nécessaire.

Pour une entreprise ayant plusieurs branches, chaque branche peut établir des dispositions particulières du règlement intérieur.

L'essentiel du contenu de ce règlement est relatif aux conditions de travail, discipline et aux dispositions concernant la santé et la sécurité au travail.

n'umutekano ku kazi n'izindi ngingo zibereye ikigo.

**Ingingo ya 101: Igihe amategeko ngengamikorere y'ikigo atangira gukurikizwa**

Amategeko ngengamikorere y'ikigo atangira gukurikizwa nyuma yo kumenyeshwa abakozi bose bireba.

Kopi y'amategeko ngengamikorere y'ikigo ishyikirizwa umugenzuzi w'umurimo w'aho ikigo giherereye bitarenze iminsi mirongo itatu (30) atangiye gukurikizwa.

**Article 101: Commencement of rules of procedure of an enterprise**

Rules of procedure of an enterprise come into force after their communication to all concerned employees.

A copy of the rules of procedure of an enterprise is provided to the labour inspector of the area where the enterprise is located not later than thirty (30) days from commencement.

**Article 101: Entrée en vigueur du règlement intérieur d'une entreprise**

Le règlement intérieur d'une entreprise entre en vigueur après avoir été communiqué à tous les travailleurs concernés.

Une copie d'une entreprise du règlement intérieur est remise à l'inspecteur de travail du ressort où l'entreprise est située au plus tard trente (30) jours dès son entrée en vigueur.

## UMUTWE WA VIII: GUKEMURA IMPAKA Z'UMURIMO

## CHAPTER VIII: LABOUR DISPUTES SETTLEMENT

## CHAPITRE VIII: RÈGLEMENT DES DIFFÉRENDS DE TRAVAIL

**Ingingo ya 102: Gukemura impaka zihariye z'umurimo mu bwumvikane**

Intumwa z'abakozi mu kigo zikemura mu bwumvikane impaka zihariye z'umurimo hagati y'umukoresha n'abakozi.

Iyo intumwa z'abakozi zidashoboye gukemura izo mpaka mu bwumvikane,

**Article 102: Amicable settlement of individual labour disputes**

The employees' representatives amicably settle individual labour disputes between employers and employees.

If employees' representatives fail to settle the disputes amicably, the concerned party

**Article 102: Règlement à l'amiable des différends de travail individuels**

Les représentant des travailleurs dans une entreprise règlent à l'amiable les différends de travail individuels entre l'employeur et le travailleur.

Si les représentants des travailleurs n'arrivent pas à régler le différend à

uruhande bireba rubimenyesha Umugenzuzi w'Umurimo w'aho ikigo giherereye.

Iyo Umugenzuzi w'Umurimo w'aho ikigo giherereye adashoboye gukemura ikibazo bitewe n'imiterere yacyo cyangwa ku mpamvu zo kugongana kw'inyungu, ashyikiriza ikirego Umugenzuzi w'Umurimo ku rwego rw'Igihugu agaragaza impamvu acyohereje.

Iyo kumvikana bidashobotse imbere y'Umugenzuzi w'Umurimo w'aho ikigo giherereye cyangwa uwo ku rwego rw'Igihugu, ikirego gishyikirizwa urukiko rubifitiye ububasha. Icyakora, urukiko rushobora gufata icyemezo cyo kutakira ikirego nyuma yo gusuzuma ko inzira zikurikikizwa mu gukemura impaka ziteganywa muri iyi ngingo zitubahirijwe.

**<u>Ingingo ya 103</u>: Gukemura impaka rusange z'umurimo mu bwumvikane**

Impaka rusange z'umurimo zivutse mu ifasi y'Umugenzuzi w'Umurimo zishyikirizwa uwo mugenzuzi w'umurimo.

Impaka rusange zirenze ifasi y'Umugenzuzi w'Umurimo, zitakemuwe n'Umugenzuzi w'Umurimo wo ku rwego

refers the matter to the labour inspector of the area where enterprise is located.

If the Labour Inspector of the area where an enterprise is located fails to settle the dispute due to the nature of the case or the conflict of interests, he/she refers the dispute to the Labour Inspector at the national level stating grounds to refer such a dispute.

If amicable settlement fails before a labour inspector of the area where an enterprise is located or before the Labour Inspector at the national level, the case is referred to the competent court. However, the court can decide not to receive the case after determining that steps for amicable settlement provided for in this Article have not been followed.

**<u>Article 103</u>: Amicable settlement of collective labour disputes**

Collective labour disputes arising in the area of a labour inspector are notified to a labour inspector.

Collective disputes extending beyond an area of a labour inspector not settled by the Labour Inspector at the national level or not

l'amiable, la partie intéressée saisit l'inspecteur du travail du ressort où l'entreprise est située.

Si l'inspecteur du travail du ressort où une entreprise est située n'arrive pas à régler le différend en raison de la nature du litige ou du conflit d'intérêts, il renvoie le différend à l'inspecteur du travail au niveau national tout en précisant les motifs de ce renvoi.

Si le règlement à l'amiable n'a pas abouti devant l'inspecteur du travail du ressort où une entreprise est située ou devant l'inspecteur du travail au niveau national, l'affaire est renvoyée devant la juridiction compétente. Toutefois, la juridiction peut décider de ne pas recevoir l'affaire après avoir constaté que les étapes de règlement prévues par le présent article n'ont pas été respectées.

**<u>Article 103</u>: Règlement à l'amiable des différends de travail collectifs**

Les différends de travail collectifs survenus dans un ressort d'un inspecteur du travail sont renvoyés à l'inspecteur du travail.

Les différends collectifs qui s'étendent au-delà du ressort d'un inspecteur du travail non réglés par l'inspecteur du travail au

rw'Igihugu cyangwa zitakemuwe bitewe n'imiterere yazo cyangwa kugongana kw'inyungu zishyikirizwa Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena imiterere n'imikorere by'ubugenzuzi bw'umurimo n'uburyo bwo gukemura impaka zishingiye ku murimo.

**<u>Ingingo ya 104</u>: Ubuzime bw'ikirego gishingiye ku murimo**

Ikirego gishingiye ku murimo kigira ubuzime nyuma y'imyaka ibiri (2) uhereye ku munsi ikibazo icyo kirego gishingiyeho cyabereyeho.

Igihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kireka gukomeza kubarwa iyo:

1 º uruhande rumwe mu zifitanye ikibazo rusabwe mu nyandiko gukemura icyo kibazo;

2 º umukozi cyangwa umukoresha ashyikirije ikirego intumwa z'abakozi, umugenzuzi w'umurimo cyangwa Urukiko.

settled due to their nature or the conflict of interests, are brought before the Minister in charge of labour.

An Order of the Minister in charge of labour determines the organisation, functioning of labour inspection and procedure for labour disputes settlement.

**<u>Article 104</u>: Prescription for the claim arising from work**

A claim arising from work lapses after two (2) years starting from the date of the birth of the dispute giving rise to the claim.

The period referred to in Paragraph One of this Article is interrupted if:

1 º a party to the dispute is requested in writing to settle such a dispute;

2 º an employee or employer has referred the dispute to the employees' representatives, labour inspector or court.

niveau national ou non réglés en raison de leur nature ou du conflit d'intérêts sont portés au Ministre ayant le travail dans ses attributions.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine l'organisation, le fonctionnement de l'inspection du travail et la procédure de règlement des différends du travail.

**<u>Article 104</u>: Prescription de l'action résultant du travail**

Une action résultant du travail se prescrit par deux (2) ans à compter du jour de la naissance du litige qui est à l'origine de l'action.

Le délai stipulé à l'alinéa premier du présent article est interrompu lorsque :

1° l'une des parties au différend est demandée par écrit de régler ce différend ;

2° un travailleur ou un employeur a saisi les délégués du personnel, l'inspecteur du travail ou la juridiction.

**UMUTWE WA IX: UBURENGANZIRA BWO GUHAGARIKA IMIRIMO NO GUFUNGA IKIGO**

**Ingingo ya 105: Guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo**

Abakozi bafite uburenganzira bwo guhagarika imirimo n'abakoresha bakagira uburenganzira bwo gufunga ikigo mu gihe hubahirijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Guhagarika imirimo ku bakozi cyangwa gufunga ikigo ku mukoresha biba byemewe n'amategeko iyo hashize iminsi irenga cumi n'itanu (15) y'akazi komite nkemurampaka itaratanga umwanzuro wayo cyangwa umwanzuro ujyanye no kunga impande zifitanye impaka rusange cyangwa urubanza rwabaye itegeko bitashyizwe mu bikorwa.

Uko byagenda kose, guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo bigomba kubanzirizwa n'integuza y'iminsi ine (4) y'akazi.

**CHAPTER IX: RIGHT TO STRIKE AND LOCKOUT**

**Article 105: Strike and lockout**

Employees have the right to strike and employers have the right to lock out in the respect of the provisions of this Law.

The strike for employees or lockout for an employer is legal when the arbitration committee has exceeded fifteen (15) working days without issuing its decision or the conciliation resolution on collective dispute or the court award being enforceable have not been implemented.

In any case, a strike or lockout must be preceded by a notice of four (4) working days.

**CHAPITRE IX: DROIT DE GRÈVE ET DE LOCK-OUT**

**Article 105: Grève ou lock-out**

Les travailleurs ont droit à la grève et les employeurs au lock-out en respectant les dispositions de la présente loi.

La grève pour les travailleurs ou le lock-out pour l'employeur sont légaux lorsqu'un délai de quinze (15) jours ouvrables s'est écoulé sans que le comité d'arbitrage ait donné sa conclusion ou l'accord de conciliation du différend collectif ou le jugement rendu ayant acquis la force exécutoire n'a pas été respecté.

Dans tous les cas, la grève ou le lock-out doit être précédé par un préavis de quatre (4) jours ouvrables.

**Ingingo ya 106: Kwemeza ko guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo bidakurikije amategeko**

Urukiko rubifitiye ububasha ni rwo rwemeza ko guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo bidakurikije amategeko.

**Ingingo ya 107: Imikoranire y'umukoresha n'umukozi nyuma yo gufunga ikigo cyangwa guhagarika imirimo bikurikije amategeko**

Guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo bikurikije amategeko ntibigomba kugira ingaruka ku mikoranire isanzwe y'umukoresha n'umukozi mu rwego rw'akazi.

Umukoresha cyangwa umukozi ntiyemerewe gusesa amasezerano y'umurimo bitewe n'uko habayeho guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo bikurikije amategeko.

**Ingingo ya 108: Ingaruka zo guhagarika imirimo kw'abakozi bidakurikije amategeko**

Abakozi bahagaritse imirimo mu buryo budakurikije amategeko cyangwa inzego zihagararira abakozi zabigizemo uruhare,

**Article 106: Decision on illegality of a strike or lockout**

The competent court is the only competent organ to decide whether the strike or lockout is illegal.

**Article 107: Employment relationship between the employer and employee after lawful strike or lockout**

Lawful strike or lockout must not affect the employment relationship between the employer and employee.

An employer or an employee is not allowed to terminate employment contract as a result of lawful strike or lockout.

**Article 108: Consequences of illegal strike**

Employees on illegal strike or employees' organisations involved in such an illegal

**Article 106: Décision sur l'illégalité de la grève ou du lock-out**

La juridiction compétente est le seul organe habilité à décider si la grève ou le lock-out est illégal.

**Article 107: Relation de travail entre l'employeur et le travailleur après la grève ou le lock-out légal**

Une grève ou un lock-out légal ne doit pas affecter la relation de travail entre l'employeur et le travailleur.

Un employeur ou un travailleur ne doit pas résilier le contrat de travail en raison de la grève ou du lock-out légal.

**Article 108: Conséquences de la grève illégale**

Lorsque des travailleurs en grève illégale ou des organisations des travailleurs impliquées en grève illégale en sont

iyo babihamijwe n'urukiko, bibagiraho ingaruka imwe cyangwa zose muri izi zikurikira:

1 º kuriha ibyo bangije ubwabo n'ibyangiritse bibaturutseho;

2 º kudahemberwa iminsi bahagaritse imirimo mu buryo budakurikije amategeko.

strike, upon conviction, are faced with one or all of the following consequences:

1 º compensation for the damages caused by them or for which they are responsible;

2 º loss of remuneration in days of illegal strike;

reconnus coupables, ils encourent l'une ou la totalité des conséquences suivantes :

1 º réparation des dommages causés par eux-mêmes ou dont ils sont responsables ;

2 º perte de rémunération pendant les jours de grève illégale;

**<u>Ingingo ya 109</u>: Ingaruka zo gufunga ikigo bidakurikije amategeko**

Umukoresha ufunze ikigo mu buryo budakurikije amategeko cyangwa inzego zihagararira abakoresha zabigizemo uruhare iyo babihamijwe n'urukiko bibagiraho ingaruka imwe cyangwa nyinshi muri izi zikurikira:

1 º guhemba abakozi iminsi yabahagaritse;

2 º kwamburwa, mu gihe cy'amezi atandatu (6), uburenganzira bwo gupiganira amasoko;

3 º gusiba izina rye mu gitabo cy'amasosiyete y'ubucuruzi;

**<u>Article 109</u>: Consequences of illegal lockout**

An employer who illegally declares a lockout or employers' organisations involved in such an illegal lockout, upon conviction, are faced with one or all of the following consequences:

1 º to pay employees for days they were forced out of work;

2 º to be subject to withdrawal for six (6) months the right to bid for tenders;

3 º to have his/her name deleted from the register of companies

**<u>Article 109</u>: Conséquences du lock-out illégal**

Un employeur qui décrète un lock-out illégal ou les organisations des employeurs impliquées en lockout illégal, lorsqu'ils sont reconnus coupables, ils encourent l'une ou la totalité des conséquences suivantes:

1 º payer les salaires des jours chômés par les travailleurs;

2 º encourir la perte, pendant une période de six (6) mois, du droit d'adjudication aux marchés;

3 º radier son nom au registre des sociétés commerciales ;

4 º guhagarikirwa imirimo mu gihe gito cyagwa burundu.

**Ingingo ya 110: Serivisi zidahungabanywa mu gihe cy'ihagarikwa ry'imirimo cyangwa icy'igufungwa ry'ikigo**

Ihagarikwa ry'imirimo cyangwa ifungwa ry'ikigo ntibigomba gutuma serivisi zidahungabanywa zidakora.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena serivisi zidahungabanywa mu gihe cy'ihagarikwa ry'imirimo cyangwa icy'ifungwa ry'ikigo n'uburyo uburenganzira bwo guhagarika imirimo bukoreshwa muri ibyo bikorwa.

**UMUTWE WA X: INZEGO Z'UMURIMO**

**Ingingo ya 111: Ubuyobozi bw'Umurimo**

Ubuyobozi bw'Umurimo bushinzwe gutegura no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa rya politiki n'amategeko byerekeye umurimo.

4º to have his/her business suspended temporarily or definitely

**Article 110: Essential services during the strike or lockout**

The strike or lockout must not interrupt the continuity of essential services.

An Order of the Minister in charge of labour determines essential services that should not be interrupted during the strike or lockout and the terms and conditions of exercising the right to strike in these services.

**CHAPTER X: LABOUR ORGANS**

**Article 111: Labour Administration**

The Labour Administration is responsible for designing and monitoring implementation of national policy and legislation governing employment.

4 º fermer ses activités à titre temporaire ou définitif.

**Article 110: Services indispensables pendant la grève ou le lock-out**

La grève ou le lock-out ne doit pas interrompre la continuité des services indispensables.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine les services indispensables qui ne doivent pas être interrompus pendant la grève ou le lock-out et les modalités d'exercice du droit de grève dans ces services.

**CHAPITRE X: ORGANES DU TRAVAIL**

**Article 111: Administration du travail**

L'administration du travail est chargée de la conception et du suivi de la mise en œuvre de la politique nationale et de la législation relative à l'emploi.

**Ingingo ya 112: Ububasha bw'Umuyobozi w'Umurimo ku byerekeye ubugenzuzi bw'umurimo**

Umuyobozi w'umurimo afite ububasha nk'ubw'Umugenzuzi w'umurimo ku byerekeye ubugenzuzi bw'umurimo.

**Ingingo ya 113: Ubugenzuzi bw'umurimo**

Ubugenzuzi bw'Umurimo bushinzwe kugenzura iyubahirizwa ry'iri tegeko, amateka arishyira mu bikorwa, amasezerano rusange, kumenyekanisha no kujya inama mu birebana n'amategeko agenga umurimo n'ayerekeye ubwiteganyirize bw'abakozi.

**Ingingo ya 114: Intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo**

Ikigo cyujuje ibisabwa kigira intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo batorwa n'abakozi bagenzi babo.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena uburyo itora ry'intumwa z'abakozi n'abasimbura bazo rikorwa, inshingano zazo n'uburyo zizuzuza.

**Article 112: Powers of the Director of Labour Administration in relation to labour inspection**

The Director of Labour Administration has the same powers as the Labour Inspector in relation to labour inspection.

**Article 113: Labour Inspectorate**

The Labour Inspectorate is responsible for monitoring compliance with this Law, its implementing orders, collective agreements as well as awareness and providing advice on matters relating to Laws governing labour and social security.

**Article 114: Employees' representatives and their alternates**

An enterprise fulfilling the criteria has employees' representatives and their alternates elected by their peers.

An Order of the Minister in charge of labour determines the modalities of election of employees' representatives and their alternates, their duties and conditions for fulfilling them.

**Article 112: Pouvoirs du directeur de l'administration du travail en matière d'inspection du travail**

Le directeur de l'administration du travail jouit des mêmes pouvoirs que l'inspecteur du travail en matière d'inspection du travail.

**Article 113: Inspection du travail**

L'inspection du travail est chargée de veiller au respect de l'application de la présente loi, ses arrêtés d'application, des conventions collectives et de faire connaître les lois régissant le travail et celles relatives à la sécurité sociale et d'y apporter des conseils.

**Article 114: Délégués du personnel et leurs suppléants**

Une entreprise qui remplit les critères exigés doit avoir les délégués du personnel et leurs suppléants élus par leurs pairs.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine les modalités d'élection des représentants des travailleurs et leurs suppléants, leurs attributions et les conditions d'exercice de leurs attributions.

**Ingingo ya 115: Ibigo byigenga bishakira abakozi akazi**

Ikigo cyigenga gishakira abakozi akazi ni umuntu ku giti cye cyangwa ikigo kidashamikiye kuri Leta, gishinzwe gutanga serivisi imwe cyangwa nyinshi ku isoko ry'umurimo zikurikira:

1 º guhuza abashaka akazi n'umukoresha ariko kitinjira mu micungire y'abo bakozi;

2 º gushaka abantu bashaka akazi hagamijwe kubahuza n'umukoresha ubakeneye kandi kigakomeza kubaha inshingano no kubacunga;

3 º gutanga inama zo mu rwego rw'akazi;

4 º gutanga amahugurwa ku bashaka akazi;

5 º gutanga amakuru ajyanye n'akazi;

6 º izindi serivisi zijyanye no gushakira abakozi akazi zishobora kwemezwa na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze, nyuma

**Article 115: Private employment agencies**

A private employment agency is a natural or non-government legal person, which provides one or more of the following labour market services:

1 º matching offers and applications for employment, without becoming a party to the human resource management;

2 º looking for job seekers with a view of making them available to an employer and continuing to assign then tasks and supervise them;

3 º providing advice on labour-related matters;

4 º training of jobseekers;

5 º providing job-related information;

6 º other services relating to job seeking which can be approved by the Minister in charge of labour, after consulting employees'

**Article 115: Agences d'emploi privées**

Une agence d'emploi privée est une personne physique ou une personne morale non-gouvernementale, qui fournit un ou plusieurs des services suivants se rapportant au marché du travail:

1° rapprocher des offres et demandes d'emploi, sans devenir partie à la gestion des ressources humaines;

2° rechercher les demandeurs d'emploi dans le but de les mettre à la disposition d'un employeur qui en a besoin et continuer de leur donner des taches et les superviser;

3° fournir des conseils en matière du travail;

4° former les demandeurs d'emploi;

5° fournir les informations relatives à l'emploi;

6° d'autres services ayant trait à la recherche d'emploi, qui sont approuvés par le Ministre ayant le travail dans ses attributions après consultation des

yo kujya inama n'inzego zihagararira abakozi n'izihagararira abakoresha.

organisations and employers' organisations;

organisations des travailleurs et celles des employeurs;

Umuntu wifuza gutangiza ikigo cyigenga gishakira abakozi akazi, abisabira uruhushya rutangwa na Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze.

A person wishing to establish a private employment agency applies for an authorisation granted by the Minister in charge of labour.

Une personne qui veut créer une agence d'emploi privée demande une autorisation délivrée par le Ministre ayant le travail dans ses attributions.

Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rigena uburyo ibigo byigenga bishakira abakozi akazi bishyirwaho n'imikorere yabyo.

An Order of the Minister in charge of labour determines modalities for establishment of private employment agencies and their functioning.

Un arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions détermine les modalités de création des agences d'emploi privées et leur fonctionnement.

## <u>UMUTWE WA XI</u>: IMENYEKANISHA RIKORWA N'IKIGO

## <u>CHAPTER XI</u>: DECLARATION MADE BY AN ENTERPRISE

## <u>CHAPITRE XI</u>: DÉCLARATION FAITE PAR UNE ENTREPRISE

### <u>Ingingo ya 116</u>: Imenyekanisha ry'ikigo n'abakozi

Umukoresha utangije ikigo abimenyesha mu nyandiko ubugenzuzi bw'umurimo ikigo giherereyemo. Agaragaza kandi amakuru ajyanye n'abakozi atangiranye mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) nyuma yo gutangiza imirimo y'ikigo.

Umukoresha wifuza guhagarika imirimo cyangwa kwimura ikigo, abimenyesha umugenzuzi w'umurimo w'aho ikigo giherereye mu minsi cumi n'itanu (15)

### <u>Article 116</u>: Declaration of an enterprise and employees

An employer who opens an enterprise declares it in writing to the labour inspectorate of his/her area. He/she also provides an initial declaration of information relating to the situation of his/her employees within one (1) month from commencement of enterprise.

An employer wishing to close business or relocate an enterprise declares it to the Labour Inspector of his/her area within

### <u>Article 116</u>: Déclaration d'une entreprise et des travailleurs

Un employeur qui ouvre une entreprise en fait une déclaration écrite auprès de l'inspection du travail du ressort. Il fournit en outre une déclaration initiale des informations relatives aux travailleurs dans un délai d'un (1) mois à partir du début des activités de l'entreprise.

Un employeur qui désire fermer les activités ou déménager une entreprise en fait une déclaration auprès de l'inspecteur du travail du ressort dans un délai de quinze

mbere yo guhagarika imirimo cyangwa kwimura ikigo.

fifteen (15) days before closing business or relocating enterprise.

(15) jours avant la fermeture des activités ou du déménagement de l'entreprise.

**UMUTWE WA XII: IBYAHA N'IBIHANO BYABYO, AMAKOSA YO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI N'IBIHANO BYAYO**

**CHAPTER XII: OFFENCES AND THEIR PENALTIES, ADMINISTRATIVE MISCONDUCTS AND RELATED SANCTIONS**

**CHAPITRE XII: INFRACTIONS ET LEURS PEINES, FAUTES ADMINISTRATIVES ET LEURS SANCTIONS**

**ICYICIRO CYA MBERE: IBYAHA N'IBIHANO BYABYO**

**SECTION PREMIERE: OFFENCES AND THEIR PENALTIES**

**SECTION PREMIÈRE: INFRACTIONS ET LEURS PEINES**

**Ingingo ya 117: Ibyaha n'ibihano byerekeye imirimo ibujijwe ku mwana**

Umukoresha ku giti cye, ukoresheje umwana umwe mu mirimo ibujijwe ku mwana ivugwa mu ngingo ya gatandatu (6) y'iri tegeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Iyo uwakoze icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ari isosiyete, ikigo, imiryango n'amashyirahamwe bya Leta

**Article 117: Offences and penalties relating to prohibited work for the child**

An employer who personally subjects a child to any of the prohibited forms of work for the child referred to under Article 6 of this Law, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than five (5) years and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or one of these penalties.

If the perpetrator of an offence referred to under Paragraph One of this Article is a company, institution, public or private

**Article 117: Infractions et peines relatives au travail interdit pour l'enfant**

Un employeur qui personnellement emploie un enfant dans l'une des formes de travail interdites pour l'enfant prévues à l'article 6 de la présente loi, commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.

Lorsque l'auteur de l'infraction prévue à l'alinéa premier du présent article est une société, une institution, une organisation et

cyangwa byigenga, ahanishwa gusa ihazabu ivugwa mu gika cya mbere cy' iyi ngingo yikuba incuro ebyiri (2).

**Ingingo ya 118: Ibyaha n'ibihano byerekeranye no guhagarika imirimo cyangwa gufunga ikigo binyuranyije n'amategeko**

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 108 n'iya 109 z'iri Tegeko, iyo umukoresha ari umuntu ku giti cye ufunze ikigo cyangwa abakozi bahagaritse imirimo mu buryo bunyuranyije n'amategeko, baba bakoze icyaha. Iyo babihamijwe n'urukiko bahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Iyo uwakoze icyaha kivugwa muri iyi ngingo ari isosiyete, ikigo, imiryango n'amashyirahamwe bya Leta cyangwa byigenga, ahanishwa gusa ihazabu yikubye incuro ebyiri (2) ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

organisation and association, it is only liable to a fine referred to under Paragraph One of this Article which is doubled.

**Article 118: Offences and penalties relating to illegal strike or lockout**

Without prejudice to provisions of Articles 108 and 109 of this Law, if the employer is a natural person who does a lockout or if employees go on strike illegally, they commit an offence. Upon conviction, they are liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or one of these penalties.

If the perpetrator of an offence referred to under this Article is a company, institution, public or private organisation and association, it is only liable to a fine referred to under Paragraph One of this Article which is doubled.

association publiques ou privés, il est uniquement passible d'une amende prévue à l'alinéa premier du présent article qui est portée au double.

**Article 118: Infractions et peines relatives à la grève ou au lock-out illégal**

Sans préjudice des dispositions des articles 108 et 109 de la présente loi, lorsque l'employeur est une personne physique qui fait un lock-out ou lorsque les travailleurs font grève de façon illégale, ils commettent une infraction. Lorsqu'ils en sont reconnus coupables, ils sont passibles d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.

Lorsque l'auteur de l'infraction prévue au présent article est une société, une institution, une organisation et association publiques ou privées, il est uniquement passible d'une amende prévue à l'alinéa premier du présent article qui est portée au double.

**Ingingo ya 119: Ibyaha n'ibihano byerekeranye n'ubuzima n'umutekano ku kazi**

Iyo umukoresha ari umuntu ku giti cye cyangwa iyo ari umukozi uteje ibyago bitewe n'ububuraburyo, uburangare, ubushishozi buke, umwete muke, kudakurikiza amabwiriza cyangwa ubundi buteshuke bwose, aba akoze icyaha.

Iyo uwakoze icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Iyo uwakoze icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo yateje urupfu akabihamywa n'urukiko, ahanishwa igifungo kuva ku myaka ibiri (2) kugeza ku myaka itanu (5) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda kuva kuri miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe muri ibyo bihano.

Iyo uwakoze icyaha kivugwa muri iyi ngingo ari isosiyete, ikigo, imiryango

**Article 119: Offences and penalties relating to occupational health and safety**

If an employer is a natural person or an employee who, through clumsiness, carelessness, inattention, negligence, failure to observe the rules or any other lack of precaution, causes danger commits an offence.

If the perpetrator of an offence referred to under Paragraph One of this Article is convicted, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than two (2) years and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) or one of these penalties.

If the perpetrator of an offence referred to under Paragraph One of this Article has caused death and is convicted, he/she is liable to imprisonment for a term ranging from two (2) years to five (5) years and a fine ranging from two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) to five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) or one of these penalties.

If the perpetrator of an offence referred to under this Article is a company, institution,

**Article 119: Infractions et peines relatives à la santé et la sécurité au travail**

Lorsqu'un employeur est une personne physique ou un travailleur qui cause un danger par maladresse, imprudence, inattention, négligence, inobservation des règlements ou tout autre défaut de prévoyance commet une infraction.

Lorsque l'auteur de l'infraction prévue à l'alinéa premier du présent article en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.

Lorsque l'auteur de l'infraction prévue à l'alinéa premier du présent article a causé la mort et en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement allant de deux (2) ans à cinq (5) ans et d'une amende allant de deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) à cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines.

Lorsque l'auteur de l'infraction prévue au présent article est une société, une

n'amashyirahamwe bya Leta cyangwa byigenga, ahanishwa gusa ihazabu ivugwa muri iyi ngingo yikubye incuro ebyiri (2).

public or private organisation and association, it is only liable to a fine referred to under this Article which is doubled.

institution, une organisation et association publiques ou privées, il est uniquement passible d'une amende prévue au présent article qui est portée au double.

**ICYICIRO CYA 2: AMAKOSA YO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI N'IBIHANO BYAYO**

**SECTION 2: ADMINISTRATIVE MISCONDUCT AND ITS SANCTIONS**

**SECTION 2: FAUTES ADMINISTRATIVES ET LEURS SANCTIONS**

**Ingingo ya 120: Kubangamira imikorere y'ubugenzuzi bw'umurimo**

Umukoresha ubuza umugenzuzi w'umurimo kwinjira mu kigo, uwanze kumuha amakuru, utitaba ihamagarwa, cyangwa udashyira mubikorwa imyanzuro y'umugenzuzi w'umurimo, aba akoze ikosa ryo mu rwego rw'ubutegetsi. Ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW).

Uburyo bwo gushyira mu bikorwa ibihano biteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bugenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze rivugwa mu ngingo ya 103 y'iri tegeko.

**Article 120: Obstructing the functioning of the labour inspectorate**

An employer who refuses to allow a labour inspector to enter an enterprise, refuses to provide information with him/her, fails to report to him/her summon or implement recommendations from a labour inspector, commits an administrative misconduct. He/she is liable to an administrative fine of not less than one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000).

Modalities for implementing sanctions referred to under Paragraph One of this Article are determined by an Order of the Minister in charge of labour referred to under Article 103 of this Law.

**Article 120: Entraves au fonctionnement de l'inspection du travail**

Un employeur qui refuse de laisser entrer l'inspecteur du travail dans une entreprise, qui refuse de lui fournir des informations, qui ne répond pas à la convocation ou qui n'applique pas des recommandations de l'inspecteur du travail, commet une faute administrative. Il est passible d'une amende administrative d'au moins cent mille francs rwandais (100.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW).

Les modalités d'application des sanctions prévues à l'alinéa premier du présent article sont déterminées par arrêté du Ministre ayant le travail dans ses attributions prévu à l'Article 103 de la présente loi.

**Ingingo ya 121: Gufungirwa ikigo by'igihe gito**

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 117, iya 118, iya 119 n'iya 120, mu rwego rwo kurengera inyungu rusange z'igihugu, Minisitiri ufite umurimo mu nshingano ze ashobora gufata icyemezo cyo gufunga ikigo by'igihe gito.

**UMUTWE WA XIII: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 122: Kwishyura imishahara y'abakozi bakora imirimo y'amasoko ya Leta cyangwa iy'urwego rwigenga**

Bitabangamiye ibiteganywa n'amategeko agenga amasoko ya Leta, uwatsindiye isoko rya Leta cyangwa iry'urwego rwigenga yishyura imishahara y'abakozi yakoresheje.

Iyo uwatsindiye isoko ahaye igice cy'amasezerano undi mukoresha nyir'ugutsindira isoko yishyura imishahara y'abakozi iyo uwo yahaye igice cy'amasezerano atayishyuye.

Uwatsindiye isoko mbere yo kwishyurwa amafaranga ajyanye n'imirimo yakoze agaragariza urwego rwatanze isoko ko nta

**Article 121: Temporary closure of an enterprise**

Without prejudice to provisions of Articles 117, 118, 119 and 120, for the purpose of preserving national interests, the Minister in charge of labour can decide a temporary closure of an enterprise.

**CHAPTER XIII: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL, AND FINAL PROVISIONS**

**Article 122: Payment of salaries for employees executing public or private tenders**

Without prejudice to provisions of Laws governing public procurement, a successful bidder of a public or private tender pays salaries of employees employed.

A successful bidder who sub-contracts a part of the tender to a third party is responsible for payments of employees' salaries in case the sub-contractor has not paid employees' salaries.

A successful bidder who is awarded a tender is not entitled to payments without showing to the procuring entity the proof

**Article 121: Fermeture temporaire d'une entreprise**

Sans préjudice des dispositions des articles 117, 118, 119 et 120, dans le cadre de préserver l'intérêt national, le Ministre ayant le travail dans ses attributions peut décider la fermeture temporaire d'une entreprise.

**CHAPITRE XIII: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 122: Paiement des salaires des travailleurs exécutant les marchés publics ou privés**

Sans préjudice des dispositions des lois régissant les marchés publics, l'attributaire du marché public ou privé doit payer les salaires des travailleurs employés.

L'attributaire du marché au premier degré qui confie à son tour une partie de ses activités au sous-traitant, est responsable du paiement des travailleurs en sous-traitance dans le cas où le sous-traitant ne l'a pas fait.

L'attributaire du marché n'a pas les droits au paiement sans avoir montré à l'entité de passation de marché la preuve qu'il s'est

mwenda ukomoka ku mishahara abereyemo abakozi yakoresheje.

Iyo uwatsindiye isoko atishyuye imishahara y'abakozi, urwego rwatanze isoko rufatira amafaranga angana n'imishahara abereyemo abo bakozi, kugeza igihe uwatsindiye isoko agaragarije ko yishyuye iyo mishahara y'abakozi yari abereyemo umwenda.

Icyakora, iyo birenze iminsi mirongo ine n'itanu (45) uwatsindiye isoko atarishyura imishahara y'abakozi, urwego rwatanze isoko rwishyura abakozi imishahara yabo ingana n'amafaranga rwafatiriye.

**<u>Ingingo ya 123</u>: Amasezerano y'umurimo ariho igihe iri tegeko ritangiye gukurikizwa**

Amasezerano y'umurimo yashyizweho umukono mbere y'uko iri tegeko ritangira gukurikizwa agumana agaciro kayo.

Icyakora, ingingo y'amasezerano y'umurimo inyuranyije n'iri tegeko igomba kuba yahujwe naryo mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12) uhereye igihe iri tegeko ritangiye gukurikizwa.

that he/she has paid the debt related to salaries of employees employed.

In case a successful bidder fails to pay the employees' salaries, the procuring entity retains the amount equivalent to employees' salaries, until the successful bidder proves that he/she has paid the employees.

However, if the payment is not effected by the successful bidder in a period of forty-five (45) days, the procuring entity pays the concerned employees the salaries equivalent to the amount retained.

**<u>Article 123</u>: Ongoing employment contracts at the time of commencement of this Law**

Employment contracts that were concluded before commencement of this Law remain valid.

However, any clause of an employment contract contrary to this Law must be in conformity with this Law within twelve (12) months from the commencement of this Law.

acquitté d'une dette découlant des salaires envers les travailleurs qu'il a employés.

Dans le cas où l'attributaire de marché ne paie pas les salaires des travailleurs, l'entité de passation de marché retient le montant équivalent aux salaires des travailleurs, jusqu'à ce qu'il prouve qu'il a dûment payé la dette aux travailleurs.

Toutefois, passé quarante-cinq (45) jours sans que l'attributaire du marché puisse payer les salaires des travailleurs, l'entité de passation de marché paie aux travailleurs concernés les salaires équivalant au montant retenu.

**<u>Article 123</u>: Contrats de travail en cours au moment de l'entrée en vigueur de la présente loi**

Les contrats de travail conclus avant l'entrée en vigueur de la présente loi restent valables.

Toutefois, toute clause d'un contrat de travail contraire à la présente loi doit être harmonisée avec la présente loi dans un délai de douze (12) mois à compter de l'entrée en vigueur de la présente loi.

**Ingingo ya 124: Ingingo izigama, ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Uretse ingingo ya 163 y'Itegeko n° 13/2009 ryo ku wa 27/05/2009 rigenga umurimo mu Rwanda ishyiraho Inama y'Igihugu y'Umurimo, izindi ngingo zaryo kimwe n'izindi ngingo z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

**Ingingo ya 125: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko**

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

**Ingingo ya 126: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Article 124: Saving and repealing provisions**

Save Article 163 of Law n° 13/2009 of 27/05/2009 regulating labour in Rwanda establishing the National Labour Council, its other provisions as well as other prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

**Article 125: Drafting, consideration and adoption of this Law**

This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.

**Article 126: Commencement**

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 124: Dispositions de sauvegarde et abrogatoires**

À l'exception de l'article 163 de la Loi n° 13/2009 du 27/05/2009 portant réglementation du travail au Rwanda instituant le Conseil National du Travail, ses autres dispositions ainsi que toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**Article 125: Initiation, examen et adoption de la présente loi**

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.

**Article 126: Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 30/08/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
Perezida wa Repubulika

(sé)
**Dr. Edoaurd NGIRENTE**
Minisitiri w'Intebe

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Kigali, on 30/08/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
President of the Republic

(sé)
**Dr. Edouard NGIRENTE**
Prime Minister

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Minister of Justice/Attorney General

Kigali, le 30/08/2018

(sé)
**KAGAME Paul**
Président de la République

(sé)
**Dr. Edouard NGIRENTE**
Premier Ministre

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

(sé)
**BUSINGYE Johnston**
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux